ISHURI RITO RYA BIBILIYA

Yesaya, Yeremiya, Amaganya ya Yeremiya, Ezekiyeli na Daniyeli

AGATABO KA 8

Igice cya Mbere

“Ibiranga Umuhanuzi”

Ibitabo by’Ubuhanuzi bifite umwanya w’ingenzi mu Isezerano rya Kera cyane cyane iyo ubirebeye mu Isezerano Rishya. Mu Isezerano Rishya Yesu yise Isezerano rya Kera “Aamategeko n’Abahanuzi.” (Matayo 7:12; 22:40) Amategeko ni Ibitabo bitanu bya mbere byo muri Bibiliya ari byo: Itangiriro, Kuva, Abalewi, Kubara, no Gutegeka kwa Kabiri. Ibitabo by’ahanuzi tugiye kwiga, habanza igitabo cy’umuhanuzi Yesaya hagaheruka igitabo cy’Umuhanuzi Malaki.

Hari ubusobanuro ku buhanuzi butangwa n’Intumwa Pawulo ubwo yari Imbere y’Umwami. Intumwa Pawulo yari aboshye ubwo yabwirizaga ubutumwa mu mbaraga ku buryo umwami yavuze ko Pawulo yari hafi kumwemeza kuba Umukristo. Igice cy’ingenzi cyane cyo guhamya kw’Intumwa Pawulo ni igihe yabazaga Umwami Agiripa ati “Mwami Agiripa wemera ubuhanuzi? Ndabizi ko wemera ubuhanuzi.” Iki kibazo cy’Ubuhanuzi cyajyaga kibazwa kenshi na kenshi. Inyigisho zabo n’inyandiko zabo zari zisize cyane kandi zari zidasanzwe, ku buryo uburyo bumwe bwakoreshwaga kugira ngo umenye niba umugabo cyangwa umugore yizera waramubazaga uti, “Wemera ubuhanuzi?”

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Iyo Isezerano Rishya rivuga abahanuzi, akenshi riba rivuga abahanuzi banditse ibitabo cyangwa se izindi nyandiko z'ubuhanuzi. Hari ibitabo cumi na birindwi by'Ubuhanuzi byanditswe n'Abahanuzi cumi na batandatu. (Yeremiya yanditse bibiri muri byo – Yeremiya n'Amaganya ya Yeremiya)

Mbere yuko dutangira isesengura ryacu ry'ibitabo by'ubuhanuzi, ndagira ngo mbanze nsubize ikibazo kigira kiti; "Mu buryo bworoheje, abahanuzi bari bantu ki?" Ndasubiza iki kibazo mbanje kugereranya umuhanuzi n'umutambyi. Igihe ibitabo by'Amategeko byandikwaga, umuyobozi w'ingenzi w'ubuzima bw'Umwuka yari umutambyi. Abatambyi bagiraga uruhare rw'ingenzi cyane kuko bingingiraga abantu iyo babaga bacumuye cyangwa bakoze ibyaha. Ikindi kandi bagiraga umurimo wo gusobanura cyangwa kwigisha abantu ibyanditswe byera. Abatambyi bari abigisha b'ijambo ry'Imana. Basubizaga ibibazo bijyanye n'Ibyanditswe, n'ibitambo n'indi mihango yera yakorerwaga mu Ihema ry'Ibonaniro ryo butayu no mu Rusengero rwa Salomo.

Umutambyi yavukaga ari Umutambyi kuko yagombaga kuba akomoka mu muryango wa Aroni cyangwa Lewi. Ikibabaje ni uko, incuro nyinshi Abatambyi bateshukaga bagakora ibyaha. Hoseya ni we wavuze ati "Abantu bitwara uko Abatambyi bitwara." Kenshi na kenshi iyo abantu bateraga Imana umugongo bakoraga ibyaha, abatambyi nibo bafataga iya mbere muri uko gukora ibyaha. Iyo Abatambyi bakoraga ibyaha Imana yatumaga abahanuzi.

Abahanuzi bo ntabwo bavukaga ari Abahanuzi. Ahubwo bahamagarirwaga umurimo w'ubuhanuzi baturutse mu buzima butandukanye. Babiri cyangwa batatu mu bahanuzi bari Abatambyi ubwo bahamagarigwaga kuba Abahanuzi ariko byari umwihariko. Bamwe mu bahanuzi bari abo mu miryango y'icyubahiro ubwo bahamagarwaga. Abandi bahamagawe bava mu myuga isanzwe, nka Amosi wari umuhinzi n'umwungeri w'intama. Umutambyi by'umwihariko yari umuntu ujya imbere y'Imana akingingira abantu kubw'ibyaha byabo. Umuhanuzi yari umuntu uva imbere y'Imana azaniye abantu ubutumwa Imana yabatumyeho.

Abahanuzi bose banditse ibitabo babayeho mu gihe cy'imyaka igera kuri magana ane, guhera mu mwaka wa 800 mbere ya Yesu kugeza mu mwaka wa 400 mbere ya Yesu. Muri icyo gihe abantu bari baracumuye ku Uwiteka, cyane cyane bakoraga icyaha cyo kuramya ibigirwamana. Kuko baramyaga ibigirwamana, ibihano by'Imana byabagezeho binyuze mu gitero cy'Abanyashuri no gufatwa

k'Ubwami bwo mu Majyaruguru. Hashize imyaka ijana byakurikiwe no guterwa no gufatwa k'Ubwami bwo mu Majyepfo bikozwe n'ubwami bwa Babuloni. Abahanuzi banditse ibitabo bamwe babayeho mbere y'ubwo bunyage, bahanuye kandi babwirije mu gihe cy'ubunyage, cyangwa babayeho ndetse babwiriza mu gihe cyo gusana nyuma y'ibyo bikorwa bibi.

Mu bahanuzi cumi na batandatu banditse ibitabo, batatu muri bo nibo bahanuye ndetse bakora umurimo nyuma y'ubunyage kandi ubutumwa bwabo bwakanguriraga abantu gusana no kongera kubaka byakurikiye gutaha cyangwa kugaruka k'ubwoko bw'Imana bava mu bunyage bw'Ibabuloni. Icyakora, benshi muri bo bahanuye mbere y'ubunyage cyangwa mu gihe cy'ubunyage.

Abahanuye mbere yo gufatwa no kujyanwa mu bunyage k'Ubwami bw'Amajyaruguru bikorwa n'Abanyashuri no gufatwa no kujyanwa mu bunyage n'Ubwami bwo mu Majyepfo bikorwa na Abanyababuloni ubutumwa bwabo bwagiraga buti: "Nimugira ububyutse bwo mu mwuka, mukihana ibyaha byanyu byo kuramya ibigirwamana mubikuye ku mutima, ibi bito n'ubunyage bw'Abanyashuri, n'Abanyababuloni, ntabwo bizabageraho". Abahanuzi babakanguriye abantu kwihana no kugarukira Imana. Icyakora, ubutumwa bwabo bwirengagijwe kenshi ndetse ntibwahawe agaciro. Abahanuzi baratutswe, barasuzuguwe, barabakoba, baratotezwa ndetse baranicwa. Benshi muri bo bapfuye bazize ko babwirije ubutumwa abantu batashakaga kumva.

Abahanuzi babonye ko abantu binangiye imitima ku cyo Imana ibasaba, baherako babwira abantu bati "Hagiye kubaho kunyagwa ubwo bunyage buzaba ari umujinya w'Imana Ishobora byose kuko banze kwihana no kureka gusenga ibigirwamana." Kandi ibyo bavugaga byari ukuri. Ubwo Abanyashuri bateraga bagasenya Ubwami bwo mu Majyaruguru, Ubwami bwajyanywe mu bunyage kandi nta wamenye irengero ryabo. Hashize imyaka ijana, Abanyababuloni batera Ubwami bwo mu Majyepfo.

Abahanuzi babwirije ubutumwa bw'ibyiringiro bufitanye isano n'ubunyage no ibitero by'Abanyababuloni. Bahawe iyerekwa ry'ubuhanuzi maze barabwiriza bati: "Imyaka mirongo irindwi uhereye muzagaruka mu gihugu cyanyu muve muri ubwo bunayage." Babonye uko kugaruka mu gihugu cyabo bava mu byaneg bw'i Babuloni ari ishusho ry'imbabazi n'ubuntu bw'Imana. Benshi muri abo bahanuzi ntibagize amahirwe yo kurama ngo babone ubu buhanuzi busohora cyangwa icyo gitangaza kiba.

MESIYA AHANURWA

Ikindi kintu gishamaje kiri mu butumwa bwabwirijwe n'abahanuzi ni ukuntu babwirije gutatanira hirya no hino ku isi k'ubwoko bw'Imana. Iyo babwiriza uko gutatana, bajyaga bahanura ko ubwoko bw'Imana buzava muri uko gutatana. Iyo babwirizaga kuva mu bunyage bw'i Babuloni k'ubwoko bw'Imana, bavangamo n'ubuhanuzi bwo kuza kwa Mesiya.

Abahanuzi bavuze kuza kwa Kristo ko mu buryo bubiri, cyangwa ko azaza inshuro ebyiri. Incuro ya mbere azaza ari Umukiza utotezwa kugira ngo apfire ibyaha byari mu isi, ariko nagaruka cyangwa naza bwa kabiri, ari byo twita "Kugaruka kwa Yesu," icyo gihe azagaruka ari Umwami w'abami, n'Umutware w'abatware uzaba azanywe no gutsinda imbaraga z'umubisha maze ashyireho ijuru rishya n'isi nshya aho gukiranuka kuzatwarira.

Kenshi na kenshi biragora gutandukanya ubuhanuzi bwo kuva mu bunyage bw' i Babuloni n'ubuhanuzi bwo kuza kwa Mesiya. Biranagoye gutandukanya ubuhanuzi bwabo bwo kuza kwa mbere kwa Mesiya burenga igihe cyacu n'ubuhanuzi bwabo bwo kugaruka cyangwa kuza kwa kabiri kwa Yesu Kristo. Ubuhanuzi bwabo buvuga ku kuza kwa Yesu Kristo kombi ni bwo buhanuzi bw'ingenzi cyane muir ibi bitabo by'abahanuzi.

ABAVUGIRA IMANA

Iyo twumvise ijambo "umuhanuzi," duhita twumva ko umurimo cyangwa inshingano y'umuhanuzi imeze nk'inshingano y'umuntu w'umuhanga mu bumenyi bw'ikirere mu buryo bw'umwuka," ubasha kutubwira uko ikirere kizaba kimeze ejo. Nuko rero, Umuhanuzi yari umuntu wavugirwagamo n'Imana. Umuhanuzi yabaga ari umuntu nk'abandi ariko Imana imuvugiramo. Aba bahanuzi bavugiraga Imana mu buryo bubiri bukurikira: uburyo bwa mbere ni uko, babwirizaga ijambo ry'Imana, bivuga ko bari abigisha ba Bibiliya bakomeye. Uburyo bwa kabiri, "bahanuraga ibiri imbere," cyangwa bavugaga ibitaraba. Ndetse bimwe mu byo bahanuye na bugingo n'ubu ntibirasohora.

Dutangazwa n'igice cy'ubuhanuzi buvuga ibizaba. Cyari igice gikomeye cyane cy'umurimo we w'ubuhanuzi, ariko cyari igice gitoya. Abahanuzi bari abigisha. Abahanuzi bashishikarizaga abantu kumvira ijambo ry'Imana no kurishyira mu bikorwa mu buzima bwabo. Abahanuzi bajyaga bahabwa ihishurirwa ry'ukuri gushya, ariko igice kinini, uhereye mu gihe cya Yosuwa bigishaga

ijambo ryanditse ry'Imana yari yaratanze binyuze muri Mose. Niyo mpamvu ituma mvuga ko Mose ari we muhanuzi mukuru kuko yahawe n'Imana ijambo ryayo maze abandi bahanuzi bakaryiyisha ariko ari Mose ryari ryahawe.

Ijambo umuhanuzi rigizwe n'amagambo abiri, ariyo "guhagarara imbere ya" no " kumurika." Umuhanuzi yahagaragara imbere y'ijambo ry'Imana akarimurika, cyangwa agatuma ryaka. Umuhanuzi kandi yakanguriraga abantu kumvira jambo ry'Imana no gukora ibyaryo mu buzima bwabo. Iyo umuhanuzi yahabwaga ihishurirwa ry'ibizaba, yasabaga ubwoko bw'Imana kubaho ubuzima bwejejwe bwerekeye ku ihishurirwa Imana yamuhaye kubwira ubwoko bw'Imana ryerekeye ku bizaba.

NTA KIBAZO GIHARI, UMUHANUZI NTAKENERWA

Umuhanuzi yagaragaraga kuko habaye ibibazo. Hari ukuntu wavuga uti, "nta kibazo gihari, umuhanuzi ntakenerwa." Iyo usomye kandi ukagenzura ubuzima n'ubutumwa bwatanzwe na buri muhanuzi, ugomba kubaza uti, "Ni kibazo ki cyari cyugarije umurimo w'Imana igihe uyu muntu yahamagarirwaga umurimo w'ubuhanuzi? Hanyuma se umurimo yakoze ni gute wakuyeho izo nzitizi zari zugarije umurimo w'Imana mu gihe cye?"

Urugero, mu gihe cy'umuhanuzi Hagayi, hari mu gihe cyo kugaruka bava mu bavuye bw'i Babuloni, umurimo w'Imana wari kongera kubaka urusengero rw'i Yerusalem. Mu gihe abagarutse bava mu bunyage batangiye kongera kubaka urusengero, bahuye n'itotezwa rikomeye cyane. Nubwo ubwami w'Ubuperesi yari yarabahaye uburenganzira bwo gutaha ndetse abaha uburenganzira bwo gutema ibiti byo mu ishyamba ngo bubake urusengero, bari bafite abanzi babarwanya.

Itotezwa ritangiye, bahagaritse kubaka inzu y'Imana. Ahubwo barangazwa kandi bahugira mu kubaka amazu yabo bwite. Ibi byabatwaye imyaka cumi n'itanu yose kugeza ubwo Imana ihagurukijee umuhanuzi Hagayi avuga byeruye kubifatanye n'inzu y'Uwiteka ati "*Mbese irakwiriye ko mwibera mu mazu yanyu y'ibitabashwa, na rwo uru rusengero rukaba umusaka?"* (Hagayi 1:4). Hagayi yabakanguriye gusubira ku murimo w'Imana, bakubaka urusengero rw'Imana.

Bitewe n'inyigisho (ubuhanuzi) bwa Hagayi, abantu barekeye aho kubaka amazu yabo, bamenya ikigomba gukorwa mbere, bashyira Imana no kubaka inzu yayo ku mwanya wa mbere, kubaka amazu

yabo babishyira ku mwanya wa kabiri. Nuko, maze umurimo w'Imana urakomeza maze Hagayi ntiyongera kugaragara.

Inzandiko zo mu Isezerano Rishya, cyangwa inzandiko zanditswe n'intumwa n'abandi, zihamanya ubu buryo. Mu Isezerano Rishya umurimo w'Imana wari uwo kubaka itorero rya Kristo. Ibibazo byaza birwanya umurimo, Imana igahagurutsa intumwa runaka ikandika urwandiko. Impamvu y'urwandiko rw'intumwa yabaga ari iyi he? Yari iyo gutabaza kugira ngo ikibazo kizitiye iyubakwa ry'Itorero rya Kristo gikurweho maze umurimo w'Imana ugakomeza.

Ntabwo ibibaza abahanuzi bahanganaga na byo ari byo intumwa intumwa zahanganaga na byo mu Isezerano Rishya. Iyo ubumbiye hamwe inyigisho abahanuzi batanze n'ibitabo byo mu Isezerano Rishya, ushobora kubona hafi ibitabo mirongo ine bya Bibiliya bivuga ku buryo bwo gukuraho inzitizi z'umurimo w'Imana muri iki gihe.

Imana irashaka gukora umurimo wayo ikoresheje ubwoko bwayo. Uko byari biri mu gihe cy'abahanuzi n'intumwa niko biri no muri ki gihe cyacu. Niba ubona ko umurimo w'Imana aho yagutumye ufite inzitizi, ukaba ubona neza ko umurimo utagenda nk'uko byakagombye, fata igihe usenge kugeza ubwo umenya ikibazo gihari icyo ari cyo, usome ibyanditswe n'abahanuzi n'intumwa maze usabe Imana ubwenge, ubuntu, n'imbaraga zo gushyira mu bikorwa ubutumwa bwabo mu gukemura ibibazo byugarije umurimo w'Imana aho ukorera.

Wifashije uburyo abahanuzi n'intumwa bakemuye ibibazo, Imana izakwereka uko watsinda ibizitira umurimo w'Imana. Niba ikibazo kiri mu murimo w'Imana aho ukorera kitabonerwa igisubizo mu buryo abahanuzi n'intumwa bagiye bakemure ibibazo, icyo gihe, wasanga Imana ishaka ko ufata umwanya ugasenga kugeza igihe inzitizi ziri mu murimo zikurwaho maze umurimo w'Imana ugakomeza.

Igice Cya Kabiri
"Kuza no Kugenda kwwa Yesaya"

Abahanuzi bagabanije mu bice bibiri, ari byo, "abahanuzi bakuru n'abahanuzi bato." Ibi ntabwo bishatse kuvuga ko "abahanuzi bakuru" barusha agaciro "abahanuzi bato." Ahubwo itandukaniro riri ku ingano y'ibyo banditse. Iyo tuvuze abahanuzi "bakuru" n'abato," umuhanuzi mukuru ni Yesaya kuko igitabo yanditse ari cyo kinini cyangwa kirekire cyane bitabo by'abahanuzi byose.

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Yesaya yakomokaga mu muryango w'ibwami mu Bayuda. Amateka y'Abayuda atubwira ko Yesaya yari afitanye amasano n'umwami Uziya ndetse n'umwami Yowasi binyuze kwa se. Kuba Yesaya yarahanuye ku ngoma z'abami benshi, umurage we mu muryango wa cyami wamuteguye neza umutegurira gukora umurimo Imana yamuhamagariye gukora.

Amateka y'Ingenzi Akwiriye Kumenywa

Kuba izi ari inyigisho ndetse n'isesengura ry'ubutumwa bwa Bibiliya, hari amateka ya ngombwa ukwiye kumenya kugira ngo ushobore gusobanukirwa ubutumwa bw'abahanuzi. Mu gihe abahanuzi babayeho, bakigisha, bakandika kandi bagakora umurimo, (hagati ya 800 na 400 mbere ya Yesu). Muri icyo gihe, hariho ibihugu bitatu by'ibihangange. Ubwami bw'Ashuri, ari nabwo bwigaruriye Ubwami bwa Ruguru bwa Isirayeli; Ubwami bw'Abanyababuloni ari bwo bwasenye kandi bukajyana mu bunyage Ubwami bwo mu Majyepfo ya Isirayeli nyuma gutsinda ubwami bw'Ashuri, ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwatsinze ubwami bwa Babuloni.

Yesaya yabayeho mu gihe Ashuri ari yo yari itegetse isi, kandi icyo gihe ubwami bw'Ashuri bwari butarigarurira Ubwami bwa Ruguru bwa Isirayeli n'umurwa mukuru wabwo, Samariya. Imiryango cumi ari yo yitirirwaga "Isirayeli", yajanwye mu bunyage kandi nta wongeye kumenya irengero ryabo. Byinshi mu bigize inyigisho za Yesaya, byari imburizi yahaga abo mu bwami bwo mu Majyaruguru ko bazaterwa kandi bagafatwa n'Abashuri mu rwego rwo guhanwa n'Imana bitewe n'icyaha cyabo cyo gusenga no kuramya ibigirwamana.

Ubwami bw'Ashuri bumaze gutera, kwigarurira no kunyaga Ubwami bwa Ruguru, bakajyana mu bunyage amoko cumi y'ubwami bwa ruguru, Abanyashuri barahindukiye batera Ubwami bwo mu Majyepfo. Bafashe imirwa mirongo ine n'itandatu yo mu Buyuda. Ingabo z'Abanyashuri zageze mu marembo y'i Yerusalemu, zijyana abantu ibihumbi magana abiri nk'infungwa muri Ashuri. Icyakora, ingabo z'Abanyashuri zigeze mu marembo ya Yerusalemu, nibwo Yesaya yageze mu gihe cye cyo kurabagirana nk'umuhanuzi.

Muri icyo gihe umwami w'Ubwami bwo mu Majyepfo, ubwami bwa Yuda yari Hezekiya, umugabo wari umunyamwuka kandi akaba umunyamasengesho ukomeye, ndetse wanditse Zaburi zigera ku icumi. Ubwo ingabo z'Abanyashuri zigeze mu marembo ya

Yerusalemu, umugaba w'ingabo zabo yatutse kandi ashinyagurira abarinzi b'inkike, atera ubwoba abatuye Yudaya ngo bamanike amaboko, babiyegurire.

Ubwo Umwami Hezekiya yari mu rusengero yingingira Imana ubwoko ayoboye, Yesaya yabonye iyerekwa. Maze asanga Hezekiya mu nzu y'Imana aramuhumuriza amubwira ko Imana yumvise gusenga kwe kandi ko gutabarwa kubari hafi. Yesaya abwira umwami ko ingabo z'Abanyashuri zizumva inkuru ibahamagarira gusubira mu iwabo, maze bagezeyo, umugaba w'ingabo aricwa.

Muri iryo joro ingabo 185,000 z'Abanyashuri ziciwe n'icyago mu nkambi yazo. Bukeye imibiri yazo ibonywe, ingabo zisubira iwabo. Zigeze iwabo mrui Ashuri, ubuhanuzi bwa Yesaya bwarasohoye ubwo abahungu babiri b'umugaba w'ingabo bamushimutaga bakamwica. Tubivuze mu buryo bw'abantu, twavuga ko iyo bitaza kuba umurimo n'imbaraga za Yesaya, Abanyashuri bari gutwara mu bunyage ndetse bakarimbura Ubwami bwombi bwo mu Majyepfo n'ubwo mu Majyarugu.

Yesaya aduha rumwe mu ngero zikomeye cyane zo muri Bibiliya z'umurimo w'umuhanuzi wo kuvug ibizaba. Yahanuye ko Abaperesi bajyaga kuzigaranzura ubwami bw'Abanyababuloni hanyuma Kuro umwami ukomeye w'ubuperesi akazatanga itegeko ko abanyage b'Abayuda bataha bagasubira iwabo bakongera kubaka urusengero. Avuga Kuro incuro ebyeri mu gitabo cy'ubuhanuzi bwe kandi kandi akavuga iki gikorwa gikomeye mu mateka y'Abaheburayo.

Amateka atubwira ko abakuru b'abanyage b'Abaheburayo basanze Kuro bamwereka ubu buhanuzi bwa Yesaya maze igitangaza cy'ubuhanuzi bwa Yesaya gituma Kuro atanga itegeko ridasanzwe. Ntabwo yabahaye uburenganzira bwo gutaha gusa, ahubwo yanabteye inkunga y'ibikoresho byo kongera kubaka urusengero. Mu buryo nyabwo bw'isohora ry'ubuhanuzi bwa Yesaya, ubwo ubwami bw'Abaperesi bwatsindaga Babuloni, ikintu cya mbere Umwami Kuro yakoze kwari ugutanga itegeko rivuga ko imbohe z'Abayuda zemerewe gusubira i Yerusalemu maze bakubaka inzu y'Imana (Yesaya 44:28-45; Ezira 1:2-4).

Umwigisha Mukuru

Yesaya agomba kuba yari umwigisha mwiza cyane. Yesu yavuze ko Yohana Umubatiza yari we muhanuzi mukuru kuruta abandi bose mu babyawe n'umugore (Luka 7:28). Nyamara tubwirwa ko ubwo Yohana Umubatiza yazaga abwiriza mu butayu yarimo yarimo kubwiriza ibibwiriza bya Yesaya (Luka 3:4) Ubwo umuhanuzi uruta abandi mu babyawe n'umugore bose yabwirije ibibwiriza bya Yesaya, bituma Yesaya aba "umuhanuzi w'umuhanuzi."

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Yesaya yabwirije mu gihe cy'imwaka mirongo itanu cyangwa mirongo itandatu. Yabaye ku ngoma z'abami batanu ba Yuda n'abami batandatu ba Isirayeli. Nubwo yari afite byinshi byo kuvuga bijyanye n'ibyari kuzaba ku Bwami bwo mu Majyaruguru bituruka muri Ashuri, umurimo we nyamukuru wari ugenewe Ubwami bwo mu Majyepfo, ubwami bwa Yuda.

Niba ushaka kumenya amateka ya Yesaya, soma witonze imirongo ya mbere y'ubuhanuzi bwe. Ibitabo by'ubuhanuzi, kenshi na kenshi, iyo bivuga igihe umuhanuzi yabayeho bigaragaza ingoma z'abami yakozemo umurimo. Bamwe mu bami bari ku ngoma mu gihe cya Yesaya bari beza abandi bari babi. Umwe mu bami babi ni Manase uwo amateka atubwira ko yishe Yesaya, yamukebesheje urukezo akamucamo ibice bibiri. Abanditsi benshi bemeza ko kwicwa kwa Yesaya kuvugwa iyo igice cya kwizera cyo muri Bibiliya kivuga ko bamwe mu ntwari zo kwizera zo mu Isezerano rya Kera "bakereshejwe n'inkezo." (Ababeburayo 11:37)

Ibice Bigize Igitabo Cya Yesaya

Hari uburyo bwiza bwo kugabanya igitabo cya Yesaya. Ibice mirongo itatu n'icyenda bya mbere, ni ubutumwa bwa Yesaya aburira Iubwoko bw'Imana ibyerekeye guterwa ndetse no gufatwa n'Abanyashuri. Ibice makumyabiri na birindwi bya nyuma ni ubutumwa bw'ihumure no gukira. Umuntu yavuga ko ibice mirongo itatu n'icyenda bya mbere ari nko "kubagwa ko mu mwuka," naho makumyabiri na biridnwi bya nyuma, bikaba gukira gukurikira "kubagwa."

Uburyo ibi bice mirongo itandatu na bitandatu by'igitabo cya Yesaya bigabanije, bwatumye abasesenguzi bagereranya igitabo cya Yesaya na Bibiliya ubwayo. Dore isano igitabo cya Yesaya gifitanye na Bibiliya yose;

- Igitabo cya Yesaya kigizwe n'ibice mirongo itandatu na bitandatu; Bibiliya na yo igizwe n'ibitabo mirongo itandatu na bitandatu.
- Igitabo cya Yesaya kigabanije mu bice mirongo itatu n'icyenda bibanza na makumyabiri na birindwi biheruka. Bibiliya na yo igizwe n'Isezerano rya Kera rifite ibitabo mirongo itatu n'icyenda n'Isezerano rishya rigizwe n'ibitabo makumyabiri na birindwi.

Igice kibanza cy'igitabo cya Yesaya kimeze nk'Isezerano rya Kera, gifite imburizi nyinshi n'ubutumwa bw'ibihano, kigaragaza imiterere y'umuntu nyayo n'igisubizo nya cyo umuntu yakura ku Mana.

Igice cya kabiri cya Yesaya giteye “nk’Isezerano Rishya,” ritanga ihumure r’ibyringiro ku bantu bamenyeshejwe ko bakeneye Umukiza kuko bamaze gusoma igice cyo mu Isezerano rya Kera cya Yesaya cyerekana inzira igana ku Mukiza. Isezerano rya Kera ritangirana n’ikibazo kigira kiti, “Uri he?” (Itangiriro 3:9) Isezerano Rishya rigatangira n’ikibazo kigira kiti “Ari he?” (Matayo 2:2) Ibice byombi bigize igitabo cya Yesaya bitwereka ko dukeneye Umukiza hanyuma kikatwereka Umugaragu utotezwa mu gice cya mirongo itanu na gatatu.

Umuhamagaro Wa Yesaya

Hari ibice bibiri by’ingenzi dusanga muri Yesaya bidushoboza kumenya Yesaya uwo ari we, n’umurimo yakoze ndetse n’ubutumwa yabwirije. Kimwe muri ibyo bice ni Yesaya igice cya gatandatu, gisobanura umuhamagaro cyangwa gutumwa kwa Yesaya. Hari n’ubwo byaba ari ubusobanuro bwo guhinduka cyangwa gukizwa kwa Yesaya. Mu byanditswe, ubwoko bw’Imana bwose bubanza kugira gusanga cyangwa guhamagarwa n’Imana gukomeye kugira ngo bushobore kugira kugendera Imana gukomeye. Igice cya gatandatu cya Yesaya gikubiyemo guhamagarwa no gutumwa kwa Yesaya biva ku Mana.

Yesaya atangira guhamagarwa yumvise Uwiteka igira iti, “Ntume nde?” Kandi “ni nde watugendera?” (6:8) Yesaya agaragaza kwiyemeza kwe asubiza Imana aravuga ati “Ni jye. Ba ari jye utuma!” Ubu buryo bugaragara cyane mu byanditswe. Abantu bose bahamagawe n’Imana bagiye bumva ijwi ryo guhamagarwa no gutumwa n’Imana.

Imana ibwira Yesaya ko abantu batazamwumva kandi ko intego yo guhamagarwa no gutumwa kwe atari uko abantu bahinduka. Bahisemo kuntera umugongo, ariko ndashaka ko n’ubwo ari uko bimeze uzagende, kuko nshaka ko bumva ubutumwa bwanjye.” Biraruhije cyane kuba umubwiriza butumwa. Ibaze kubwiriza imyakamirongo itanu cyangwa mirongo itandatu ariko ntihagire umuntu uha agaciro ibyo w’igisha!

Kumaramaza kwa Yesaya ku muhamagaro we kuratangaje! Yabajije Imana ati “Bizatwara igihe kingana iki kugira ngo bumve?” Imana iramusubiza it “Bizageza aho imidugudu izabera imyirare ari nta wuyibamo, n’amazu ari nta wuyabamo, n’igihugu kigahinduka amatongo rwose.” (Yesaya 6:11,12). Umwete wa Yesaya ugomba kutubera urugero twese. Mu byukuri, ubwitange n’umwete by’ahanuzi nibwo butumwa bukomeye babwirije. Bagiranye

amasezerano n'Imana. Imana yababwiye kugenda, maze baragenda. Bagenda, ikintu cy'ingenzi ni uko bari abizerwa ku Imana maze bakora ibyo Imana yabatumye gukora.

Natwe inshingano yacu ni ugukora ibyo Imana iduhamgarira kandi ikadutuma gukora. Umusaruro wo kumvira Imana kwacu ni umurimo w'Imana. Imana yonyine, Umwuka Wera, niwe watanga umusaruro. Inshingano yacu ni ubwizerwa. Kwera imbuto ni inshingano y'Imana. Inshingano yacu ni ugukora ibyo Imana iduhamagarira gukora.

Igice Cya Gatatu

"Ubuhanuzi bwa Mesiya"

Ubuhanuzi buvuga kuri Mesiya tubusanga ahanini muri Yesaya kuruta ibindi bitabo by'ababahanuzi. Isezerano rishya rigwiriyemo amagambo yo mu buhanuzi bwa Yesaya kuruta abandi bahanuzi bo mu Isezerano rya Kera bose. Mu gihe usoma igitabo cya Yesaya ushakishe ubuhanuzi buvuga kuri Mesiya mu bibwiriza bye. Muri Yesaya uraza kubona amazina Mesiya yari kuzitwa naza. Azitwa; "*Igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho Umwami w'amahoro*." (Yesaya 9:6).

Yesaya yabivuze yeruye ko Mesiya azaba ari Imana yambaye umubiri, cyangwa " Emmanuweli," bivuze ngo, "Imana iri kumwe natwe" (Matayo 1:23).

Yesaya atubwira Umwuka uzakorera muri Mesiya naza, muri aya magambo: "*Mu gitsina cya Yesayi hazakomoka agashamyi, mu mizi ye hazumbura ishami ryere imbuto, Umwuka w'Uwiteka azaba kuri we, mwuka w'ubwenge n'uwu'buhanga, umwuka wo kujya inama n'uw'imbaraga, umwuka wo kumenya Uwiteka n'uwo kumwubaha. Azanezezwa no kubaha uwiteka.*" (Yesaya 11:1-3) Uyu mwuka uvugwa mu Ibyahishuwe witwa, "*Imyuka irindwi y'Imana*." (Ibyahishuwe3: 1; 4:5; 5:6)

Kuba umubare wa karindwi uhagararira umwuzuro muri Bibiliya, nk'uko Yesayi atubwira Mesiya uzaza, icyo aba avuga ni uko, "Mesiya naza azaba ari umwuzuro wo kugaragara k'Umwuka w'Imana." Mesiya azerekana ko Imana ari Umwuka muri ubu buryo burindwi. Muri we hazabamo Umwuka wo kumenya, Umwuka w'ubwenge, Umwuka wo gusobanukirwa, Umwuka wo kujya inama, Umwuka w'imbaraga, Umwuka wo kuramya n'Umwuka w'Uwiteka."

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Iyo usomye ibitaho bine by'Ubutumwa bwiza, ni shusho ki ya Yesu bikuremamo? Yesaya yaravuze ngo uku niko Mesiya azaba ameze: Ubugingo bwe buzagaragaraho Umwuka wo gusobanukirwa. Bivuze ko asobanukirwa kandi akamenya neza ijambo ry'Imana. Umwuka w'ubwenge usobanura gushyira mu bikorwa ubumenyi, ubwo rero Yesu azerekanisha Umwuka w'ubwenge ashyira mu bikorwa ijambo ry'Imana mu buzima bwe ndetse n'ubw'abandi. Bivuze ko azagaragaza umwuka w'ubujyanama. Nabikora, umurimo we n'ubuzima bwe buzagaragaramo imbaraga zihindura ubuzima, agaragaza Umwuka w'imbaraga n'ubushobozi.

Icya nyuma, Yesaya ahanura ko Mesiya azagaragaza Umwuka wo kuramya, cyangwa wo kubaha Imana. Ndetse anavuga ko Mesiya azanezezwa n'iki kintu cya nyuma cyo kugaragaza Umwuka wo kuramya. Iyo usoma mu bitabo by'ubutumwa bwiza, ubona ko igihe Yesu yabaga atarimo kwigisha abantu, yabaga yiherereye wenyine asenga cyangwa aramya. Usome witonze ibitabo bine by'ubutumwa bwiza ushaka aya magambo arindwi, kuzura k'ubusobanuro bw'Umwuka w'Imana usohorezwa mu buzima bwa Yesu.

Mu myaka ya nyuma yo mukinyejana cya makumyabiri, habayeho ububyutse bwo gushaka Umwuka Wera. Iyo dusobanura uko dufata Umwuka Wera, dutuma habaho amacakubiri menshi no kuvangirwa kwinshi kuko dukora amakosa mu buryo tuvuga uko tuzi Umwuka Wera. Urugero, wigeze wumva abantu bavuga Umukristo, umushumba cyangwa se Itorero ryuzuye Umwuka Wera? Icy bivuze ni uko hari hari Abakristo, Itorero cyangwa abashumba b'ubwoko bubiri. Hari Abakristo, amatorero, n'abashumba buzuye Umwuka Wera hakaba n'abandi Bakristo, andi matorero n'abandi bashumba batajya buzura Umwuka Wera.

Iki ni cyo Bibiliya ivuga iyo ivuga ku kuzura Umwuka Wera kw'abizera? Abizera bose bategekwa, "Kuzura Umwuka." (Abefeso 5:18) Mu Kigiriki, uyu murongo udutegeka "Kuzura Umwuka Wera." Ni itegeko ntabwo ari amahitamo y'umukristo cyangwa umwigishwa nyawe wa Yesu Kristo.

Kuzura Umwuka bivuze iki? Mu byakozwe n'Intumwa haratubwira ngo, "Petero, yuzuye Umwuka Wera," yabwirije ubutumwa mu mbaraga ku munsi wa Pantekote. Nyuma yabwo na none, tubwirwa ko " Petero, yuzuye Umwuka Wera," yongeye kubwiriza ubutumwa bwiza maze hihana ibihumbi by'abantu. Tukongera gusoma nyuma na none ngo, "Petero, yuzuye Umwuka Wera," yakoze ibi na biriya.

None se, hagati y'ibyo bihe tubwirwa ngo Petero yari yuzuye umwuka Wera, nabwo yari yuzuye Umwuka Wera?

Umwuka Wera ntabwo ari ikintu gitemba nk'amazi ahubwo Umwuka Wera ni Umuntu. Kandi ugira cyangwa ntugire umuntu w'Uumwuka Wera muri wowe. Ikibazo nya cyo tugomba kubaza ntabwo ari, "Wuzuye Umwuka Wera ungana iki muri wowe? Ahubwo ni, "Umwuka Wera agufite bingana iki?" Iyo Umwuka Wera afite ubuzima bwawe bwose, ubwo nibwo tuba twuzuye Umwuka Wera.

Umukristo w'uzuye Umwuka Wera, ni umukristo uyoborwa n'Umwuka Wera. Mbere yuko Paulo adutegeka kuzura Umwuka Wera, yaranditse agira ati; "*Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure umwuka wera*." (Abayefeso 5:18) Nk'uko umuntu wasinze agengwa cyangwa ategekwa n'inzoga, ni ko natwe tugomba kugengwa no kuyoborwa n'Umwuka Wera.

Ubu buhanuzi bwa Yesaya bwiza bugomba kutwigisha isomo ko nta muntu n'umwe ukwiye gutinya kuzura Umwuka Wera. Kuko, iyo twuzuye Umwuka Wera, iyo tuyoborwa nawe byuzuye, iyo tugaragaza Imana iyo ari yo mu Mwuka wayo, nibwo tumera nka Yesu Kristo ubwo yagaragazaga izi nzego zirindwi z'Umwuka w'Imana.

Yesaya atubwira hano ko Yesu ari we wari umwuzuro wo kugaragara k'Umwuka w'Imana. Yesu Kristo yayoborwaga n'Umwuka ijana ku ijana igihe cyose. Umwuka w'Imana wagaragarijwe mu buzima bwa Yesu Kristo. Yesu yari ateye ate? Soma ibitabo bine by'Ubutumwa bwiza urabibona. Hari wasoma ibitabo bine by'Ubutumwa bwiza ntiyifuza gusa na Yesu? Mu by'ukuri ubuzima bwa Yesu nirwo rugero twese tugomba kureberaho tukabaho ubuzima bwacu tugaragaza kuba Imana ari Umwuka.

Inzira Igororotse y'Imana

Yesaya igice cya mirongo ine tuhasanga ubundi buhanuzi bwa Mesiya, ari bwo: Ijwi ry'urangururira mu butayu riti "*Ni mutunganye inzira z'Uwiteka, nimutunganyirize Imana yacu inzira mu butayu, igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n'agasozi bizaringanizwa, nah'agoramye hazagororwa, inzira zidaharuye zizaharurwa. Maze icyubahiro cy'Uwiteka kizahishurwa kandi abantu bose bazakibona*." (Yesaya 40:30)

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Ubwo Yohana umubatiza yazaga abwiriza ibibwiriza bya Yesaya, iki ni cyo kibwiriza yabwirije. (Luka3: 4-6) Iki ni kimwe mu bibwiriza by'ingenzi bya Yesaya. Yabwirije ko Imana igiye kuza mu isi mu ishusho y'Umwana wayo Mesiya. Yesaya abigereranya n'umwami ufashe urugendo. Iyo umwami ari busure ikirorero cya kure, abamugaragira bagombaga kumwubakira umuhanda w'aho azanyura. Iyo nzira umwami yanyuragamo yitwaga "Inzira y'umwami." Iyo wubaka bene iyo nzira hari ibintu bine ukora. Uringaniza umusozi, wuzuza ibibaya, ugorora ahagoramye, uharura inzira zidaharuye.

Yesaya akoresha iyi shusho kenshi agira ati "Imana irashaka kuza muri iyi si ariko ikeneye inzira yagenderaho. Iyo nzira iringaniye Imana ikeneye kunyuramo ni Umwana wayo. Ubuzima bw'Umwana w'Imana buzaba ubuzima wavuga uti, imisozi y'ubwibone izaringanizwa, ibibaya cyangwa ibirimo ubusa bikuzuzwa, ahagoretswe n'ibyaha hagomba kugororwa kandi uko Umwana w'Imana zagenza ahadatunganye ni uko hazatunganywa. Nibwo hazabaho inzira nyabagendwa Imana izacamo iza hano ku isi, kandi abantu bose bazabona agakiza n'ubwiza bw'Imana binyuze muri iyo nzira.

Kuba Yesu yarimo kutwigisha uko tugomba kubaho, bivuze ko ubuzima bwacu bukwiriye kuba inzira nyabagendwa y'Imana. Reka ngushishikarize gusenga iri sengesho; "Mana, hindura ubuzima bwanjye inzira nyabagendwa ushobora kugenderaho muri iyi si." Nurangiza gusenga utyo, ntutangazwe no kubona "Gatelipilari z'Imana zo mu Mwuka zije zigatangira kuringaniza imisozi w'ubwibone bwawe, gutaba no kuzuza ibibaya cyangwa ibirimo ubusa, kugorora inzira zagoretswe n'ibyaha, ndetse ziringaniza inzira zawe. jye nawe ni dusenga iri sengesho, Imana izashira ikimenyetso ku buzima bwacu kigira kiti, "Irinde: Imana irimo gukora!"

Itangazo Ry'umwirondoro Yesu Yatangiye i Nazareti

Ikindi cy'igisho gikomeye cya Yesaya tugisanga mu gice cya mirongo itandatu na kimwe. Ni ubuhanuzi buvuga ku murimo wa Yesu. Yesu atangira umurimo we w'imyaka itatu, yatangiye itanga umwirondoro, abanditsi bajya bita " Umwirondoro watangiwe i Nazareti." Yesu yagiye mu Isinagogi yo mu mu murwa avukamo asaba umuzingo w'umuhanuzi Yesaya arawurambura asoma aya magambo agira ati "*Umwuka w'Uwiteka ari muri jye, ni cyo cyatumye ansigira, kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza.*

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n'impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzegeri no kumenyesha abantu iby'umwaka Umwami agiriyemo imbabazi." (Luka 4:18, Yesaya 6:1-2)

Iyo ugereranije ubuhanuzi bwa Yesaya igice cya mirongo itandatu na gatandatu, n'uko Yesu yabivuze abusubiriramo muri Luka 4:18, usanga Yesu atararangije interuro yose uko yakabaye. Yesaya we, akomeza avuga ati "Umunsi Imana yacu izahoreramo inzigo." Yesu ntiyasomye aka gace ka nyuma kuko azahora inzigo rivuga "Kugaruka kwe kwa kabiri. Yesu azagaruka aje guhora inzigo abanzi b'Imana. Yesu yageze interuro hagati agarukira aho, asubiza umuzingo abayobozi b'isinagogi ku yarimo gushyira ku mugaragaro imyaka itatu y'imirimo ye, yahereye uwo munsi. Maze aravuga ati "Uyu munsi ibyanditswe bisohoye ma matwi yanyu". (Yesaya 61:1,2; Luka 4:18-21).

Avuga ibyo, Yesu yarimo kuvuga ati, "Umwuka w'Uwiteka ari muri jye." Yansigiye kubwiriza abakene ubutumwa bwiza. Abakene bavugwa hano ni abakene kuko bari impumyi. Ubuhumyi bwabo bUsobanura ko "batatandukanyaga iburyo n'ibumoso. Ubundi buryo barimo impumyi ni ko bari baboshywe, bivuze ko ari nta mudendezo bair bafite. Ubundi bukene bari bafite ni uko bari ibisenzegeri, bashenjaguritse.

Uwo munsi mu i Sinagogi yo mu murwa w'iwabo, Yesu yatanze itangazo rigira riti: "Umurimo wanjye wagenewe impumyi, imbohe ibisenzegeri, n'abashenjaguritse. Nimbwiriza aba bantu ubutumwa bwiza, impumyi zizareba, imbohe zizabohorwa, ibisenzegeri n'abashenjaguritse bazakira." Amaze gutangaza umwirondoro w'umurimo we i Nazareti yahise atangira gukora umurimo we wamaze imyaka itatu.

Itangazo ry'umwirondoro w'umurimoYesu yatangiye mu i Sinagogi i Nazareti ni ryo busobanuro bwiza bw'umurimo wa Yesu Kristo dusanga mu bitabo bine by'ubutumwa bwiza, ariko cyane cyane mu butumwa bwiza bwanditswe na Luka. Ubwo Yesu, wari Imana iri kumwe na twe yashakaga gutangariza abantu Uwo yari we, icyo yari cyo, n'icyo yaraje gukora mu isi, kimwe na Yohana Umubatiza yabwirije ikibwiriza cya Yesaya.

Mu gihe usoma ubutumwa bwiza Uko ari bune, ujye witegereza neza imirimo Yesu yakoe mu imyaka itatu nyuma yaho atangiye itangazo ritangiza umurimo we. Yahumuye impumyi. Nubwo yahumuye impumyi mu buryo bw'umubiri, binyuze mu murimo we

wo kwigisha, yanahumuye impumyi zo mu buryo bw'umwuka. Yagiriye impuhwe nyinshi abantu kuko bari bameze nk'intama zitazi gutandukanya iburyo n'ibumoso. Guhumura impumyi mu buryo bw'umwuka n'imvugo izimije yagiye yavugaga umurimo wa Yesu wo kwigisha.

Mu murimo we w'ubujyanama, Yesu yabohoye imbohe. Yasezeranije abari baboshye ko azabayobora mu kuri kuzababatura nibamuurikira. (Yohana 8:30-35)

Niba uri impumyi yo mu mwuka, niba ushobewe, niba utatandukanya ibumoso ku buryo bwawe, icyo uribukore, umurimo wa Mesiya wagenewe wowe. Umugambi we ni ugukemura ibyifuzo byawe kugira ngo ubashe ubone uve mu buhumyi. Niba utabohotse, ukaba uri imbata, niba utwarwa n'ingeso na za apeti runaka, ndetse n'irari, umurimo wa Mesiya ni wowe wagenewe. Yesu yazanywe n'abantu bameze nkawe. Arashaka kukubohora. Niba ushenjaguritse, kandi ubabajwe n'uko ubuzima bugoranye, kubera wibuke ko Yesu yazanywe n'abantu nkawe. Arashaka kugukiza wese.

Niba waramaze kubona igitangaza cy'agakiza Yesu na Yesaya buvuga mu mwirondoro w'umurimo wa Mesiya, mu gihe ugenda muri iyi si ugahura n'abantu jya wibuka ko nabo umurimo wa Yesu wabagenewe. Jya wibaza uti? Aba ni impumyi? Ni imbata? N'ibisenzegeri? Kristo uri muri wowe arashaka gukora umurimo muri bo nk'uko nawe yagukozemo umurimo. Arashaka gukorera uwo murimo muri wowe. yakugiriye neza.

Amasaha ya nyuma yagiranye n'intumwa ze mbere yuko abambwa ku musaraba, yababwiye ko azabohererereza umufasha ari we Mwuka Wera uzabana nabo. Ni icyo Isezerano Rishya iyo ritubwira ko twe, abizeye Yesu Kristo, Itorero rye "Turi umubiri wa Kristo." Aba muri twe. Turi amaboko ye, amagauru ye, turi umubiri we agaragariramo uyu munsi, ahumura impumyi, abohora imbohe, akiza ibisenzegeri n'abashenjaguwe bo muri iyi si.

Umukiza Ubabazwa

Ikindi gice cyo kubwiriza kwa Yesaya kivuga ku urupfu rwa Kristo. Igice cya mirongo itanu na gatatu ni cyo gice gikuru cyane muri Bibiliya kitubwira ku kubabazwa kwa Yesu Kristo. Muri iki gice Yesaya atangira abaza ati "*Ni nde wizeye ibyo twumvise kandi ukuboko ku w'Uwiteka kwahishuriwe nde*?" Ndakwibutsa ko Yesaya yari yaratumwe ku bantu batari bwemere ibyo avuga. Yari abizi neza ko iyo ijambo ry'Imana ribwirijwe, cyeretse ari uko Umwuka

Wera asobanuriye abantu ubusobanuro bw'iryo jambo, naho ubundi ntabwo bamenya cyangwa ngo babyemere.

Icyo Yesya yarimo kubaza ni, "Ni nde usobanukiwe iby'urupfu rwa Yesu by'ukuri?" Umusingi w'icyigisho cya Yesaya cyo muri iki gice uri ku murongo wa gatandatu, ahagira hati: "*Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane*, *Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese*." Ni buryo ki Imana yashyize ibicumuro byacu kuri Mesiya? "Ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha." (53:5)

Umurongo wa gatandatu utangizwa n'ijambo "Twese." Inshuro ya mbere Yesaya akoresha ijambo twese avuga ko twese tumeze nk'intama. Mbese nawe urimo? Ibuka ko muri Zaburi 23 handitse ngo, "*Uwiteka niwe mwungeri wanjye zinzakena, andyamisha mu cyanya cy'ubwatsi bubusi, anjyana iruhande rw'amazi adasuma*." (1-2). Iyo twatuye ko Uwiteka ari mwungeri wacu, tuba twatura ko turi intama. Hari undi murongo wo muri Yesaya dusanga ahandi hantu hadushishikariza kwatura ko turi intama. Twese twabaye nk'intama zizimiye. Mu yandi magambo, twese turi abanyabyaha; tewese twigiriye mu byacu bidafite agaciro.

Inshuro ya kabiri Yesaya akoresha ijambo "Twese" aduha inkuru nziza igira iti, "Imana yamushyizeho gukiranirwa kwacu twese." Mbese wemera ko uri muri iyo "twese ya nyuma Yesaya avuga? Niwatura ko uri muri "twese" ibanza, no muri "twese" iheruka, ubwo uraba watura icyo ugomba kwatura gushyira mu bikorwa ubusobanuro bw'urupfu rwa Yesu Kristo rwo ku musaraba ku buzima bwawe. Ubwo ni bwo wabona agakiza kahishuwe ubwo Imana yakoreshaga ubugingo bw'Umwana wa yo nk'umuhanda mugari yagendeyeho muri iyi si.

Igice Cya Kane

Ubuhanuzi Bwa Yeremiya

Uruhererekana rw'Amaganya

Undi muhanuzi mukuru wo mu Isezerano rya Kera ni Yeremiya. Yitwa "umuhanuzi w'amarira" kuko igihe cye kinini cyabaye icy'amarira. Mu by'ukuri ubuhanuzi bwa Yeremiya ni uruhererekane rw'amaganya. Igitabo cye biragoye kugishyira ku murongo kuko abantu batarira cyangwa bataganya mu buryo butunganije. Amaze kurira mu bice mirongo itanu na bibiri, yeremiya yanditse umuvugo mwiza cyane ukurikira ubuhanuzi bwe

witwa “Amaganya ya Yeremiya,” bisobanura “Kurira.” Muri uyu muvugo mwiza Yeremiya akomeza kurira.

Amateka

Ni iki cyarizaga Yeremiya? Kuki yari ahagaritse umutima? Umutima we wari ubabajwe n’iki? Kugira ngo usubize ibi bibazo, bisaba ko ubanza kumenya uko igihugu cyari kimeze mu gihe Yeremiya yabereyeho ubuzima bwe budasanzwe, akabwiriza kandi akandika iki gitabo cy’ubuhanuzi twita, “Igitabo cya Yeremiya.”

Mu mirongo ibanza y’iki gitabo, dusoma ko uyu muhanuzi Yeremiya yatangiye umurimo we mu mwaka wa cumi na gatatu wo ku ngoma y’umwami Yosiya, akomeza ku ngoma y’umwami Zedekiya hafi imyaka mirongo ine. Yatangiye umurimo we ubwo umwami mwiza Yosiya ari we wategekaga Yuda. Ku ngoma ya Yosiya, abubatsi bubakaga urusengero bagiye batoragura imizingo y’ijambo ry’Imana. Ubwoko bw’Imana bari kure cyane n’Imana mu buryo bw’umwuka, bari baribagiwe ko ibyanditswe byera, amategeko y’Imana yariho. Abandi bami bavugwa mu mirongo itangira mu buhanuzi bwa Yeremiya ni abami bakurikiye ubwami bwa Yosiya ndetse bafitanye isano no gusenywa kwa Yerusalemu n’ubunyage bw’i Babuloni.

Isenywa rya Yerusalem ryari ibyago byamaze igihe kingana hafi n’imyaka makumyabiri. Bwa mbere Yerusalemu, Yehoyakimu niwe wari umwami. Yitaye mu maboko y’ingabo za Nebukadinezari, maze akorera umwami Nebukadinezari kumara imyaka itatu bari Yerusalem. Ubwo Nebukadinezari yafataga Yerusalemu, ingabo z’Abanyababuloni zinjiye mu murwa Yerusalemu rwagati. Abayuda baba ingaruzwamuheto zabo, babatwara amahoro n’imisoro. Icyakora, nyuma y’imyaka itatu, Yehoyakimu yaje kugomera umwami w’Abanyababuloni, maze ingabo za Nebukadinezari zongera kuhatera barahafata bwa kabiri. Yerusalemu yongera guterwa igafatwa bwa kabiri, Yehoyakini wari umuhungu wa Yehoyakimu wari ukiri umwana, nawe arayamanika, umurwayongera kuwubagabiza barawufata. Kuri iyi nshuro noneho, ingabo zijyana Abayuda benshi ho imbohe muri Babuloni.

Yehoyakini akimara gutanga Yerusalem bwa kabiri, murumuna we Zedekiya yagizwe umwami wa “Nyirarureshwa” i Yerusalem. Yamaze imyaka cumi n’umwe ku ngoma nawe agomera Abanyababuloni. Iyi ncuro noneho, Abanyababuloni basenya Yerusalem iba umuyonga. Nta buye ryasigaye rigeretse ku rindi. Kandi kuri iyi ncuro ya gatatu bafata Yerusalemu , bajyanye abantu

bose i Babuloni uretse abashaje cyane, abarwaye cyane, abanyantegenke n'umuhanuzi uhora arira, umuhanuzi Yeremiya.

Ku ngoma y'umwami Yosiya, Imana yahaye Yeremiya iyerekwa ry'ibyago bikomeye cyane bizaba i Yerusalem. Yatangiye kubwiriza ko igitero cy'Abyanyababuloni cyegereje, kandi kujyanwa mu bunyage no gufatwa bizaba byose bizaterwa n'ibyaha by'abantu. Ibi byose bizaterwa cyane cyane n'icyaha cyo kuramya cyangwa gucyesha ibigirwamana, ndeste n'ibindi byaha byatewe bateye Imana umugongo ndetse bareka n'ijambo ryayo.

Mbere ubutumwa bwa Yeremiya n'abandi bahanuzi, bwari ubu: "*Abantu banjye bitiriwe izina ryanjye, nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka inzira mbi zabo, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo mbakirize igihugu.*" (2 Ingoma 7:14) Abantu banze kumvira ibyo bababwirizaga, ubutumwa bw'ubuhanuzi burahinduka. Hnayuma abahanuzi nka Yeremiya batangira kubwiriza bati, "Urubanza rw'Uwiteka ruregereje. Kandi ntacyakorwa ngo murwirinde!"

Umugabo Wanzwe

Ubwo ibitero kuri Yerusalem byatangiraga, Yeremiya yahanuye ibinyuranye n'ibyo abantu bashaka, bituma yangwa n'abantu kuruta abandi bahanuzi bose. Ubuhanuzi bwa Yeremiya bwari mu bice bibiri. Igice cya mbere, cyavugaga ko ibyago bije kandi ntawubasha kubikumira. Ariko igice cya kabiri cy'ubuhanuzi bwa Yeremiya bwaru ubutumwa bw'ibyiringiro. Bitandukanye n'ubunyage bw'ubwami bw'amajyaruguru, abahanuzi bahanuye ibitero by'Abanyababuloni no gufatwa k'ubwami bw'amajyepfo babwirije ubutumwa bw'ibyiringiro bugira buti: "Imyaka mirongo irindwi nyuma yo gutwarwa mu bunyage bw'i Babuloni muzagaruka mu gihugu cyanyu."

Yeremiya yizeye kandi abwiriza neza cyane ubutumwa bw'ibyiringiro, ku buryo ubwo Abanyababuloni batangiraga gusenya Yerusalemu, yarahanuye ati, "Uyu ni umugambi w'Imana kandi ni ndahinduka. Ahubwo nimusohoke mwiyegurire Nebukadinezari. Nimujye i Babuloni, kuko nimwihutira kujyayo, muzavayo vuba."

Umubumbyi n'Ikibumbano

Yeremiya na bamwe mu bahanuzi bandi bakoze ibisabwa byose kugira ngo bumvikanisha icyo bavuga. Basobanuye ibyo bavugaga bakoresheje amashusho, rimwe na rimwe bakoresheje ibyitwa, "Kubwiriza ukoresheje amashuhso." Urugero, Yeremiya yigishije ikibwiriza cyiza cyane gifite ishusho mu gice cya cumi n'umunani, cyitwa, "Ikibumbano kivuguruye." Yeremiya yavuze uko Imana yamutegetse kumanuka akajya mu nzu y'umubumbyi. Ahari yabonye umubumbyi abumba ikibindi. Umubumbyi yarimo kugerageza kubumba ikibindi cyiza, ariko ntabwo cyarimo kumera nk'uko yashakaga ko kimera. Ababajwe n'icyo kibindi, agitura hasi arakimena. Arangije arongera abumba ikindi cyiza akoresheje ibimene bya cya kibindi cya mbere.

Yeremiya abwiriza icyo kibwiriza yarimo kubabwira ati: "Mumeze nka kirya kibumbano cyari mu ntoki z'umubumbyi akibumba, umubumbyi ari we Mana. Yashaka kubarema uko ibyifuza murayinanira, none igiye kubahana mujyanwe. Imana igiye kubajyana i Babuloni, ibasane, maze nirangiza ibagarure buri umwe ari ikibumbano gishya."

Isomo njye na we dukura muri iki cyigisho rigaragarira buri wese. Rimwe na rimwe hari ubwo ubuzima bwacu butaba icyo Imana yifuza. Bigatuma Imana iturema bundi bushya. Byari byakubaho? Ukumva usa n'uwarangiye. Ukumva umeze nk'ibumba rishyizwe ku ibuye ry'umubumbyi ubumbwa bundi bushya. Igikorwa cyo guhindurwa kuva mu kibumbano cya kera ukaba ikibumbano kivuguruwe kirababaza ariko nyuma yo kubumbwa bwa bushya, kiba ari ikibumbano cyiza cyane. Nk'uko Intumwa Paulo abivuga ngo, "*Iyo umuntu ari muri Kristo Yesu aba ari icyaremwe gishya*. (2 Abakorinto 5:17).

Mu gitabo cya Yeremiya cyose, tugomba gushaka mu buhanuzi bw'uyu muhanuzi ukomeye ubutumwa twashyira mu bikorwa mu buzima bwacu. Hari igihe Imana iba ishaka kuduhana no kutuvugurura tukaba ibikoresho cyangwa ibibumbano bishya. Iyo ingaruka z'ibyaha byacu zitakumirwa ndetse n'inkovu zabyo zitakivuwe, nta kindi kiba gisigaye uretse kuvugururwa tukagirwa bashya nk'uko biri mu kibwiriza cy'ishusho y'ikibumbano cyabwirijwe na Yeremiya. Ikibabaje cyane ni uko abenshi muri twe ntabwo tujya dushaka ndetse dusaba Imana ngo guhindura ubuzima bwacu, tukamera nk'abantu banze ubuhanuzi bwa Yeremiya.

Ikibindi Kimenetse

Hari umunsi Imana iyabwiye Yeremiya kugura vaze y'agaciro, iramubwira iti, jyana na bamwe mu bakuru n'abatambyi, mujye hafi y'irembo ry'ibumba. Abonye ko abantu bamuhanze amaso afata ya vaze ayikubita hasi irameneka iba ishingwe! Maze Yeremiya abwira abantu ati, "Mwebwe mwese abarwanya umwami Nebukadinezari mukigomeka ku Banyababuloni, mukanga kubiyegurira, muzamenagurwa mumere nk'iyi vaze. Ntabwo muzavugururwa, ntabwo muzagaruka. Ahubwo muzicwa, murimburwe. (Yeremiya 19:10-11)

Ubuhanuzi bwa Mesiya

Iyo Yeremiya ahanuye ubutumwa bwe bw'ubunyage nyuma agahanura ibyiringiro, nawe kimwe na Yesaya avanga ubuhanuzi bwe bwerekeye gutaha kw'Abayuda bava mu bunyage n'ubuhanuzi buhanura kuza kwa mesiya. Kuza kwa Mesiya nibyo byari ibyiringiro bikuru, atari ibya Yuda gusa, ahubwo by'isi yose.

Bumwe muri ubwo butumwa buri mu gice cya makumyabiri n'icyenda, ubwo abantu bari hafi gutangira ubunayge bw'i Babuloni. Ibinyujije mu rwandiko rw'umuhanuzi Yeremiya, Imana yabwiye Abayuda iti, "*Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga. Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga nanjye nzabumvira. Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose. Nzabonwa namwe, ni ko Uwiteka avuga, kandi nzagarura abanyu, bajyanywe ari imbohe, nzabakoranya mbakuye mu mahanga yose n'ahatu hose, aho nari narabatatanirije, ni ko Uwiteka avuga, kandi nzabagarura aho nabakuje mukajyanwa muri imbohe*." (29:11-14).

Iyi ni incamake ya cya kibwiriza cyiza cyane cyo Yeremiya yabwirije Abayuda ubwo batangiraga ubuzima bw'ubunyage n'ubucakara bwo muri Babuloni: "Imana Data ibakunda irimo kubahana, ariko ibyo bihano ni mwe bifitiye inyungu, ntabwo ari ibibagarira nabi. Imana irashaka kubaha ibyiiringiro n'ejo hazaza heza. Igihe muzaba muri i Babuloni "muzambaze Imana. Muzayisenge. Kandi ni muyishakana imutima yanyu yose, izabumva. Muzayibona kandi izabagarura mu gihugu cyanyu, ibakuye mu bunyage."

Ubwo Yeremiya yahanuraga ko bazajyanwa mu bunyage, yari izi kandi yiteguye neza ko azabizira akanatotezwa. Ariko yari yizeye

ko ibyo ahanura byavuye ku Mana kandi ari iby'ukuri. Kandi ni koko yabihawe n'Imana kandi byari ukuri! Icy'itonderwa ku byo Yeremiya yahanuye ni ko ubuhanuzi bwa Yeremiya bwose byasohoye.

Mu gihe usoma ubuhanuzi bwa Yeremiya, urebe ubuhanuzi bwe ku bijyanye n'ibihano n'urubanza rw'Uwiteka ku bwoko bw'Abayuda. Ariko ntucikwe ubuhanuzi bw'ibyiringiro. Maze nurangiza ubushyire mu bikorwa mu buzima bwawe, hanyuma wibuke ko: Iyo Imana irimo kuguhana iba ifite umugambi ku buzima bwawe. Umugambi wo kukwagura mu buryo bw'umwuka, umugambi wo kuguha ibyiringiro n'iherezo ryiza. Ikintu cy'ingenzi n'ukwitwara neza mu gihano cy'Imana, kugira ngo Imana ikugarure mu rugo rigukura mu bunyage bw'uburara bwawe uri igikoresho gishya.

Igice Cya Gatanu
Ihumure Ry'ubunyage

Mu gihe Abayuda bari begereje kujanwa i Babuloni mu bunyage, Yeremiya yababwiye amagambo y'ibyiringiro kugira ngo bihanganire ubunyage. Abari bararokotse urupfu ubwo Yerusalemu yafatwaga, bari buzuye agahinda, ubwoba n'akababaro. Dore amagambo asize Yeremiya yababwiye yari kuzabafasha mu gihe cy'imyaka mirongo irindwi y'ubunyage. "*Uwiteka avuga atya ati, 'umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe, ahubwo uwirata yirate ibi yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi kuko ibyo ari byo nishimira. Ni ko Uwiteka avuga.'*" (9:23-24).

Irindi jambo rikoreshwa gusobanura kwirata ni ijambo "Icyubahiro." Yeremiya yarimo kuvuga ngo, "Nutunga, ntukirate cyangwa ntugashake kubahwa n'ubutunzi bwawe. Niba ukomeye, ntukirate imbaraga zawe. Niba uri umunyabwe, ntukiratane ubwenge bwawe cyangwa amashuri yawe." Ijambo "icyubahiro" cyangwa ibyirato risobanura, gusohora ubushobozi bwose ikintu runaka gifite, kugaragaza umwuzuro w'icyo Imana ari cyo, iyo ari yo, ndetse n'icyo ishobora kuba cyo mu buzima bwawe."

Ku bwa Yeremiya iri jambo ntabwo yarikoresheje avuga Imana ahubwo yavugaga abanyage. Urugero, Yeremiya yabwiraga umugabo utunze ati, "Ntibigishoboka ko wirata ubutunzi bwawe ngo bugaragaze uwo uri we. Ntabwo uzabonera umwuzuro wo kunyurwa kwawe mu butunzi."

Abatunzi bo muri bo bari baranyazwe ubutunzi bwabo. Bashobora kuba bariratага ubutunzi bwabo mbere yuko Yerusalem ifatwa, ariko byari byahindutse. Yeremiya kandi yanabwira abanyabwenge n'abakomeye bo muri bo ati, "Munyabwenge, urumva ukiri umunyabwenge kandi warashorewe uboshywe? Munyamaboko, murabona muberewe kuri ubu mambaye iminyururu ku maboko yanyu? Ntushobora kongera kwirata imbaraga zawe. Ugiye kuzagaburirwa inzara i Babuloni kandi uzagira intege nke nyinshi cyane mu mubiri wawe."

Rwose iyi nkuru yumvikana nk'inkuru mbi. Ariko dore icyiza cy'ubutumwa bwa Yeremiya. Imana ibwira abanyage ikoresheje Yeremiya iti, "Niba koko mushaka gusobanukirwa icyo kubaho bivuze n'intego yo kubaho mugakoresha ubushobozi bwanyu, mugomba kunsanga mushingiye k'uwo ndi we n'icyo ndi cyo." Yeremiya yarimo kuvuga ngo, "Nibwo muzamenya Imana neza ndetse namwe mwimenye nimusobanukirwa ko Imana yigaragaza mu isi ikoresheje ibiyigize. Ibigize Imana ni byo bigira kamere ya yo.

Muri iki cy'igisho cyiza cyane cya Yeremiya aragari ati, "Dore uko mwamenya Imana. Mwamenya Imana binyuze mu cyo iri cyo. Binyuze mu rukundo rwayo ruhoraho, mu gukiranuka kwayo, no mu kutabera kwayo." Ibi byigomba kuba byarahaye aba abantu ikintu cyo kwibaza igihe bari mu buretwa bw'i Babuloni! Bari bazi ko badashobora kubona ibyo bifuza n'agaciro kabo babikesheje ubutunzi cyangwa ubwenge cyangwa imbaraga zo mu mubiri. Ahubwo bari bazi ko bazakura ibyiza n'agaciro ahandi hantu. Dushingiye ku muhanuzi Yeremiya, tubona ko iki cyari igihe cyiza ku Bayuda cyo kubona ubuzima no kunyurwa mu kumenya Imana. Kandi cyari ikintu ababakoreshaga uburetwa batashoboraga kubaka cyangwa kubanyaga.

Ikimenyetso Cyo Kuva Mu Bunyage

Muri Yeremiya 32-33 tuhasanga kimwe mu bintu byiza cyane Yeremiya yakoze. byari mu gihe Yerusalemu yari igoswe mu marembera y'ingoma ya Zedekiya. Umurwa warimo gusenywa. Icyo gihe Yeremiya afunzwe azira ubuhanuzi bwe, abona iyerekwa rivuye ku Mana imubwira ko " Hanameli mubyara we azagusanga akamusaba kugura isambu ye yari muri Anatoti. Kuko Yerusalemu yari igoswe; ntabwo cyari igihe cyiza cyo kugura iyo sambu yari hafi y'i Yerusalemu! Aariko Imana ibwira Yeremiya kuyigura. Niko

byagenze, Hanameli yaraje abwira Yeremiya ati "Mfite isambu iri muri anatoti. Imana yabinshyze ku mutima ko nyiguha."

Yeremiya yemera kugura ubwo butaka imbere y'abahammya benshi muri bo harimo; abahamya, abanyamategeko, n'abanditsi maze Yeremiya ashyira umukono ku masezerano y'ubugure ashyiraho ikimenyetso maze amasezerano ayabika ahantu heza. Yeremiya arangije yigisha ikindi cyigisho cyiza cyane cy'ibimenyetso. Yarabwirije ati; "Nakomeje kubabwira ko igihe kizagera mukava mu bunyage bw' i Babuloni. Aravuga ati, reka mbereke ko nizeye ko bizaba; "Vubaha naguze ubutaka ibirometero bitanu hafi y'i Yerusalemu. Mbese mutekereza ko nabikora ntizeye ko muzagaruka? Imana izagarura ubutunzi bwa Isirayeli!" Ukore uko ushoboye usome ikibwiriza gikomeye Yeremiya yabwirije kugira ngo yagure kandi asobanure iki gikorwa cyo kwizera gikomeye. (Igice 32)

Iki cyigisho cyiza cy'ibyiringiro Yeremiya yatangiye mu gice cya mirongo itatu na kabiri yari amateka yabwiririjemo aya magambo azwi cyane, agira ati: "Uwiteka ni ryo zina rye aravuga ati, Ntabaza ndagutabara, nkwerereke ibikomeye biruhije utamenya.'" (Yeremiya 33:3) Wari wegera utabaza Imana? Imana ishyaka ko twese tuyitabaza kuko ishaka kutwereka ibintu bikomeye kandi biteye ubwoba tutarigera tubona.

Urabona ko inyigisho za Yeremiya zitari iz'ibyago no kurimbuka gusa. Ahubwo harimo inyigisho nyinshi ziha ibyiringiro ubwoko bw'Imana. Ibyo ni byo byiringiro byonyine Abayuda bari bafite ubwo Yerusalemu yafatwaga maze bakajyanwa mu buynage bw'i Babuloni.

Ibintu Byo Mu Mutima

Mu gihe dukomeje kurebera hamwe incamake y'ibindi bibwiriza bya Yeremiya, ndabibutsa ko tutarimo kubyiga dukurikije uko ibice bikurikirana. We ubwe n'umwanditsi we Baruku ntabwo banditse ibibwiriza uko yabyigishaga, ahubwo babyanditse uko Yeremiya yagendaga abyibuka hashize imyaka myishi ari muri gereza.

Ikindi cy'igisho cya Yeremiya gikomeye kiri mu gice cya 2, aho Imana yavugiye muri Yeremiya iti: "*Abantu banjye bakoze ibyaha bibiri: baranyimuye kandi ari njye soko y'amazi y'ubugingo, kandi bikorogoshoreye ibitega mu rutare ndetse n'ibitega bitobotse bitabasha gukomeza amazi.*'" (Yeremiya 2:13)

Abantu bari bateye Imana umugongo bareka n'ubwenge buva mu ijambo ryayo. Bizera iby'abanditsi bahinduye amategeko y'Imana ikinyoma, dushingiye ku byavuzwe na Yeremiya. Umuhanuzi ukomeye Yeremiya yaranditse ati: "*Mwavuga mute muti, 'Turi abanyabwenge kandi amategeko y'Uwiteka ari hamwe natwe?' Ariko dore ikaramu ibeshya y'abanditsi yayahinduye ibinyoma."* (8:8) Niba abantu bashobora kubemeza ko ijambo ry'Imana atari iryo kwizerwa, mwaba mwizera iki? Ibyo mufite ni ubwenge bw'abantu n'imitekerereze yabo gusa. Maze Yeremiya ababaza ubwenge buri muri bo ubugereranije n'ubwenge buri mu ijambo ry'Imana?

Ese Abantu Bashobora Guhinduka?

Waba uziko Bibiliya itagusaba guhinduka cyangwa gukora cyane ngo uhinduke? Njya ntangazwa n'umubare w'abantu bajya bibwira ko iki ari cyo Bibiliya ibereyeho: "Kora ibyiza uko ushoboye, hanyuma urusheho gushaka gukora neza birenzeho. Bibiliya ntabwo idusaba gukora gutyo. Yeremiya araduseka kuko tuba dushaka kwihindura ubwacu. Arabwiriza ati, "Kuki ujarajara cyane utyo ngo ukore hino no hirya, ugerageza guhindura inzira zawe? Ingwe nibasha guhindura ubugondo bwayo, cyangwa umunyetiyopiya agahindura ibara ry'umubiri we, nibwo nawe wamenyereye gukora ibyaha uzatangira gukora ibyiza. (13:23)

Ntabwo twakwihindura. Icyo Bibiliya idushishikaza gukora ni "*Uguhinduka rwose tugize imitima mishya.*" (Abaroma 12:2) Yesu atubwira kuvuka ubwa kabiri. Iyo turimo guhindurwa cyangwa kuvuka ubwa kabiri, ni igikorwa kidukorwaho. Ibi ntaho bihuriye no kubwirwa guhinduka, cyangwa gukora cyane kugira ngo urusheho kumera neza.

Ni Nde Umenya Umuntu w'Umuntu?

Yeremiya yagize icyo avuga ku mutima w'umuntu, ati: "*Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukira. Ni nde ushobora kuwumenya uko uri?*" (Yeremiya 17:9) Igisubizo ni uko, Imana yonyine aryo imenya imitima yacu. *"Jye Uwiteka ni jye urondora umutima nkawugerageza, nkitura umuntu wese ibihwanye n'inzira ze, uko imbuto ziva mu mirimo ye ziri."* (10)

Imana izi umutima wawe. Ushhobara kuba warabeshye umuryango wawe, n'inshuti zawe, yewe nawe ubwawe ukibeshya, ariko ntabwo ushobora kubeshya Imana. Imana izi umutima wawe kandi irashaka

kuwugira mushya. Senga nk'uko umwami w'umunyabwenge Dawidi yasenze ati: "*Mana, ndondora umenye umutima wanjye, mvugutira umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko umutima hariho inzira y'ibibi ndimo, unshorerere mu nzira y'iteka ryose.*" (Zaburi 139:23-24).

Twiga ubuhanuzi bwa Yeremiya bwose, tugomba gushakisha ubutumwa twashyira mu bikorwa mu buzima bwacu. Hari igihe Imana iba ishaka kuduhana maze ikatuvugurura tukaba inzabya nshya. Nk'ikibumbano gishya. Iyo ingaruka z'ibyaha twakoze zitasha gusubizwa inyuma, n'inkovu zitabasha gukira, tuba dukeneye kubumbwa bundi bushya nk'uko biri mu kibwiriza cyabwirijwe na Yeremiya ubwo Imana yamwoherezaga kujya mu nzu y'umubumbyi.

Igice Cya Gatandatu
"Inkuru Mbi y'Imana"

Yeremiya yeretswe ibiteseke bibiri birimo imbuto z'imitini. (Igice 24) Zimwe mu mbuto zarimo zari nziza kandi zihshije, kandi izindi izindi zari ziboze cyane ku buryo zitaribwa. Uwiteka abwira Yeremiya ati, "Imbuto nziza zihagararira abajyanwe i Babuloni ari imbohe. Nabajyanye mu bunyage ku nyungu zabo. Nzatuma bitabwaho neza kandi nzabagarura. Nzabakuyakuya ntacyo nzabatwara. Nzabatera bamere ntabwo nzabarandura. Nzabaha imitima inyumvira. Bazaba ubwoko bwanjye kandi na njye nzababera Imana. Kandi bazangarukira banezerewe cyane.

"Naho imbuto ziboze ziharagarariye Zedekiya, umwami w'Ubuyuda n'abatware be, n'abandi bose b'i Yeresalemu basigaye muri iki gihugu. Ndetse n'abari muri Egiputa nzabafata nk'imbuto ziboze, mbi cyane ku buryo zitagira icyo zimara. Nzaboherezaho inzara, urupfu nindwara kugeza mbarimbuye."

Yeremiya yakomeje kubwiriza iki kibwiriza. Hari abantu b'uburyo bubiri muri Yerusalemu ubwo umurwa warimo gusenywa n'ubwami bw'Abanyababuloni. Abagiye mu bunyage bw'i Babuloni cyari igihano cy'Imana. Bagiye i Babuloni, bemera guhanwa maze n'Imana barihana. Hari abandi banze ku byakira, barimo umwami Sedekiya, ntibemera ko ubu ari ubushake bw'Imana, barwanya ubuhanuzi bwa Yeremiya kandi bagomera Abanyababuloni. Babye nk'imbuto zaboze cyangwa nka rwa rwabya rwamentse twabonye mu kibwiriza cya Yeremiya cyabanje.

Impaka Zirwanya Kumva Ko Umuntu Yihagije

zimwe mu nyigisho za Yeremiya zirwanya icyo uyu munsi twita "Umuntu kumva yihagije adakeneye Imana." Hari imyumvire n'imitekerereze iza ikamamara, tugatekereza ngo ahari ni mishya ngo ni iyo muri iki gihe, ariko atari byo, yarahozeho kuva kera. Biba ari ibitekerezo bya kera bigenda bigaruka. Kimwe n'bi bitekerezo by'umuntu kumva yihagije, iyo myumvire yigisha ko ikintu cyonyine umuntu akeneye ni umuntu, bisangwa mu mateka. Ivuga ngo, "Ni jye mugenga w'ubugingo bwanjye, kandi ni jye mutware w'umutima wanjye." Ariko iyo tureba amateka y'abantu nka Mose, tubona ibintu ukundi. Usanga bari ibyemezo byo mu mwuka bigaragara mu buzima bwabo. Urugero, "Ntabwo ari jye, ahubwo ni Imana, kandi Imana iri kumwe nange. Ntabwo nshoboye, ariko Imana irashoboye, kandi iri kumwe nange.

Mbese Dukeneye Imana?

Yeremiya arwanya imitekerereze y'uko umuntu adakeneye Imana iyo abwirije ibibwiriza nk'iki cyo mu gice cya cumi, kigira kiti: "*Uwiteka, nzi ko inzira y'umuntu itaba muri we, ntibiri mu muntu ugenda kwitunganiriza intabwe ze.*" (10:23). Ite kuri iki: "*Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishima amaboko ye, mu mutima we akimura Uwiteka.*" (17:5) Hanyuma Yeremiya atwereka inyungu nziza y'uko kuri: "*Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro.*" (Yeremiya 17:7)

Abantu benshi bibwira ko badakeneye Umwungeri. Ntabwo bari bigera bagira ikibazo badashoboye kwikemurira. Bibwira ko ubushobozi bw'umuntu, ubwenge bw'umuntu, n'impamo ari byo byonyine bakeneye. Ariko Ibyanditswe bikomeza kutwereka iko, "Atari ibyo gusa mukeneye." Mukeneye Umwungeri, mukeneye ubwenge buva ku Mana, kandi mukeneye imbaraga z'ubuntu bw'Imana kugira ngo mubashe gukoresha ubwenge buva ku Mana. (Yakobo 1:5; 2 Abakorinto 9:8) Iyi ni yo yahoraga ari imyumvire n'imyigishirize y'abahanuzi, ni Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.

Itegure Ijambo

Umuti Yeremiya yatanze wakiza Abayuda gusubira inyuma kwabo, icyaha cyatumye bajyanwa mu bunyage bw'i Babuloni, tuwusanga mu kindi kibwiriza gikomeye dusanga mu gice cya kane, ahagira ati: "*Ibyo ni byo Uwiteeka abwira abantu b'u Buyuda n'ab'i Yerusalemu ati 'Nimurime imishike yanyu kandi ntimukabibe mumahwa. Mwikebere Uwiteka kandi mukebeho ibikoba bitwikiriye*

imitima yanyu, mwa bagabo mwe b'u Buyuda n'abaturage b'i Yerusalemu, uburakiri bwanjye butaza bumeze nk'umuriro bugatwika kandi ntawabasha kubuzimya, bitewe n'ububi bw'ingeso zanyu." (4:3-4).

Iki cyigisho cyiza cya Yeremiya gisa neza neza n'icyigisho cya Yesu kiri mu bitabo by'ubutumwa bwiza, cyitwa "Umugani w'Umubibyi." Yesu yavuze ko iyo ijambo rry'Imana ribwirijwe, bimera nk'umubibyi utera imbuto. Iyo umubibyi ateye imbuto, imbuto zigwa mu bwoko bune bw'ubutaka.

Ubutaka bw'ubwoko bune bukagereranywa n'uburyo bune abantu bakira ijambo ry'Imana iyo rivuzwe cyangwa ribwirijwe: hari ubwo ijambo ridacengera mu bitekerezo by'uryumva; hari ubwo rida; hari ubwo ricengera ibitekerezo n'umutima nama ariko iyo rikuze, rinigwa n'ibyatsi, bihagararira ibibazo byo muri iyi si, ubutunzi n'ibrangaza; kandi hari ubwo rikura maze rikera imbuto z'ubwoko bwinshi butandukanye.

Mu mugani we mwiza cyane, Yesu ashobora kuba yarawuhereye kuri iki cy'igisho cya Yeremiya aho umuhanuzi yabwiye abantu ati, "Ubuzima bwanyu bumeze nk'ubutaka budahinzeHashize igihe kire kire nta mbuto ibuterwaho." Bari baribagiwe ijambo ry'Imana. Ibibazo by'abantu n'imibereho y'ubuzima bwabo byarimo gutegurira ubutaka bw'ubuzima bwabo kongera kwakira imbuto y'ijambo ry'Imana. Imana yarimo gutegura ubutaka bw'ubuzima bwabo kumva ijambo ry'Imana.

Yeremiya yavuze gukebwa ko mu mutima. Intumwa Paulo nayo yakoresheje iryo jambo, ashobora kuba yarabikuye kuri Yeremiya. Pahulo yavuze ko icyo gukebwa cyari cyo ku bwoko bw'Imana bwo mu Isezerano rya Kera ari ni cyo umubatiza ari cyo mu bwoko bw'Imana bwo mu Isezerano Rishya no muri iki gihe cyacu. Gukebwa byari umuhango, ryari isakaramento Abayuda bagaragarizamo kwemera kwabo. Umubatizo niwo na twe Yesu yatwigishije ko twaturiramo ko twizera Yesu Kristo.

Itegeko iryo ari ryo ryose ribasha guta agaciro. Umuhango wose utagize icyo uhagarariye ushobora gutakaza umwimerere ntugire n'icyo usobanuye. Yesu, intumwa n'abahanuzi bose bashimangiye itandukaniro riri hagati yo kuvuga no gukora. Ibyo ukora, uburyo ubaho, iteka n'iby'ingenzi cyane kuruta ibyo uvuga. kugaragaza mu buzima bwawe bwa bur munsi icyo itegeko rihagararira ni cyo Yeremiya na Pawulo bise "Gukebwa ko mu mutima."

Ujya uvuga ko wizera? Niba ari byo, ntukature gusa ibyo wizera, ahubwo garagaza mu buzima bwawe bwa buri munsi icyo watura ko wizera.

Inkuru Ibabaje y'Imana

Mu gice cya makumyabiri na gatatu, Yeremiya yagaragaje urwenya no gusebya mu cyigisho cye nk'uko uyu mwandiko ubigaragaza: "Umwe wo muri bo cyangwa wo mu batambyi n'abahanuzi nababaza ati "Inkuru ibabaje ya Yeremiya ivuye Uwiteka ni iyihe uyu munsi? Uzamusubiza uti "Iyihe nkuru ibabaje? Nimwe nkuru ibabaje kuko Uwiteka yabaciye.' Naho abahanuzi b'ibinyoma, n'abatambyi n'abandi bantu bakina mu byerekeye inkuru ibabaje y'uyu munsi iturutse ku Uwiteka, nzabahana bo n'imiryango yabo mbahoye kuvuga ibi."

Abantu batukaga Yeremiya kuko ari nta kintu cyiza yabahanuriraga. Nkuko twabibonye, ubutumwa bwe bwari bunyuranyije nibyo bifuza, kuko yabawiraga ko ibyago byari byegereje. Kandi ibyo yahanuye byose byarasohoye, umwijima, kurimbuka, kunyagwa, ndetse n'ibyiringiro. Inyigisho za Yeremiya ni zo zari ibyiringiro byonyine by'Abayudu bumvise ubuhanuzi bwe, n'ubuhanuzi bwa Mesiya buvanze n'isezerano ryo kuva mu bunyage kwabo, bihagararira ibyiringiro byacu muri iki gihe.

Umutwaro Wa Yeremiya

Ubutumwa bwa Yeremiya bwari burimo amarangamutima menshi, nka: "*Ye baba we, ye baba we! Mfite umubabaro mu gisenge cy'umutima, umutima wanjye urandihagura, naniwe kwiyumanganya kuko wumvise ijwi ry'impanda, n'induru z'intambara mu mutima wanjye. Kurimbuka guhamagara ukundi kuko igihugu cyose kinyazw, amahema yanjye arasahurwa atunguwe n'inyegamo zanjye zitamururwaho muri ako kanya.* (Yeremiya 4:19-20) Mu buhanuzi bwe bw'iyerekwe ryo gufatwa na Babuloni, ahubwo Yeremiya yumvaga imirindi y'ingabo z'Abanyababuloni no gutaka kw'Abayuda. Kuko yakomeje kubona uruhererekane rw'ibi bintu biteye ubwoba, yarabajije ati, "*Nzahereza he ndeba ibendera ry'intambara, kandi nkumva ijwi ry'intambara*?" (21) Maze Uwiteka arasubiza ati "*Kuko abantu banjye ari abapfapfa ntibanzi, ni abana batitonda kandi nta bwenge bafite, bazi ubwenge bwo gukora ibyaha ariko gukora neza ntibabizi.*" (4:22)

Izi nyigisho za Yeremiya zikwiriye kwigishwa ab'iki gihe. Turi abahanga mu gukora intwaro za kirimbuzi, ariko se twaba tuza igikwiriye? Ihohotera n'ubwicanyi ni byo bigwiriye muri iyi si ya none. Dufite ubwenge buhanitse bwo gukora ibisasu bya kirimbuzi, ariko bigaragara ko nta mpano zihagije zo gukora ibikwiriye. Yewe nta n'ubwo igikwiriye.

Kwihangana Kwa Yeremiya

Yeremiya yandikishe umwimerere w'igitabo kimwitirirwa akoresheje umwanditsi we w'umwizerwa witwaga Baruku, ubwo yari mu nzu y'imbohe mu rwobo. Amaze kwandikisha ibice byose by'ubutumwa bwe uko yagiye yibuka uko yabibwirije, yasabye ko umuzingo woseuzasomerwa abantu bose ku Munsi Wera wo kwiyiriza ubusa. Izi nyigisho zafashije abantu cyane, kandi umuzingo wose usomerwa umwami. Ubwo umuzingo warimo gusomerwa umwami, hari umuriro mwinshi cyane wakaga mu ku gicaniro. Uko buri gice cyamusomerwaga, umwami yafata icyo gice akagica mu muzingo akoresheje icyuma gityaye nk'urwembe akagita mu muriro kugeza ubwo umuzingo wose yawutwitse.

Yeremiya abyumvise, atumaho Baruku maze amusaba gushaka umuzingo munini kuko yashakaga kongera kwandika igitabo cye bundi bushya, kandi yibutse n'inyigisho ze nyinshi atari yashyize mu muzingo wa mbere. Nuko maze amubwira kwandika ibice mirongo itanu na bibiri by'igitabo tumaze gusesengura. Ntabwo tuba dufite igitabo cya Yeremiya iyo bitaza kuba kwihangana k'uyu muhanuzi ukomeye. (Igice cya 36)

Igice Cya Karindwi

Igitabo cy'Amaganya Ya Yeremiya

"Uko Biri Kose Imana Iragukunda"

Igitabo cy'Amaganya ya Yeremiya cyubakira ku gitabo cya Yeremiya. Mu bice byose mirongo itanu na bibiri, Yeremiya yaranzwe n'amara ku bw'iyerekwa Imana yamuhaga rijyanye n'igitero kibi cyane cy'Abanyababuloni. Igitabo cya Yeremiya gisoza Yeremiya akiri i Buyuda nyuma yahoo abantu benshi bari bamaze kujyanwa mu bunyage. Tuza kubona ko yaba yarimukiye muri Egiputa, ndetse amateka atubwira ko bahamwiciye. Abandi bashakashatsi ba Bibiliya batubwira yaje kujya i Babuloni ajya kuwbririza ubutumwa Abayuda yakundaga cyane, nubwo hari bamwe batekereza ko yaba yaraguye mu gihugu cy'Ubuyuda.

Igitabo cy'Amaganya ya Yeremiya cyahawe izina rigikwiriye. Umuhanuzi "wamarira" yari akirira kuko igihugu cyari cyafashwe

kandi abantu yakundaga cyane bari bajyanwe ari imbohe bajya kuba abacakara mu gihugu cya kure.

Kimwe mu bibazo by'ingutu Yeremiya avuga mu Maganya ya Yeremiya, cyavuzwe na bagenzi be nka Ezekiyeli na Daniyeli, yari uko batari bashoboye kwegera urusengero. Abayuda bari bazi neza ko mu rusengero ari mo ubwiza bw'Imana buba. Kubaho kw'Imana kwabaga Ahera h'Ahera ho mu rusengero rw'i Yerusalemu. Abahanuzi bafataga urusengero nkaho ariho Imana ibonerwa. Ni cyo cyatumaga Daniyeli asenga yerekeye i Yerusalemu. Ubwose, Imana yari he ku bantu bari i Babuloni? Kuri bo, Yerusalemu ni wo wari umurwa w'Imana, kandi bumvaga baratandukanye n'Imana ya bo n'umurwa w abo mutagatifu.

Ubuvumo Bwa Yeremiya

Ubwo yanditse igitabo cy'Amaganya ya Yeremiya yicaye mu buvumo ku musozi. Na bugingo n'ubu hari ahantu hitwa "Ubuvumo bwa Yeremiya," hari hejuru y'umusozi witwa "Goligota." Imana yari yarabiteguye, ubwo buvumo bwa Yeremiya bwari ku musozi w'i Kalivari aho Yesu Kristo yabambwe agapfira ibyaha by'abari mu isi. Turaza kurebera hamwe agaciro k'ubwo buntu nitugera mu butumwa bw'Amaganya ya Yeremiya.

Imyandikire y'Igitabo cy'Amaganya ya Yeremiya

Igitabo cy'Amaganya ya Yeremiya ni inyandiko yo mu bwoko bw'ubusizi, ikubiyemo imvugo igera kuri itanu nkuko ibice byaco biri. Buri gice cyose ni umuvugo wihariye; imwe mu mvugo igize Amaganya ya Yeremiya igizwe n'uruhererekane rw'inyuguti, aho umurongo wa mbere utangizwa n'inyuguti ya mbere ku rutonde rw'ingombajwi n'inyajwi. Hirya yo kuba iki gitabo gitondetse mu buryo bwiza, ikirutaho ni uko cyahumetswe n'Imana ari yo mpamvu cyahawe umwanya mu bitabo bya Bibiliya.

Ikigendererwa cy'iyi nkuru kwari ugusenyuka kwa Yerusalemu no kujyanwaho iminyago kw'Abayuda. Amagambo ya Yeremiya yari yuzuye intimba nyinshi, aho agira ati " nakuvugaho iki? Icyo nakugereranya na cyo ni iki? mukobwa w'i Yerusalemu we? naguhwanya n'iki ngo nguhumurize wa mwari w'isugi we? Kuko igisebe cyawe ari kirekire nk'inyanja, ni nde wabasha kugukiza?" (2:3). Yeremiya avuga mu buryo bweruye ibyago byageze kuri Yerusalemu, ubwo yari imaze gusenywa n'ubwami bw'igihangange bw'i Babuloni. Ubusanzwe inkuru zo muri iki gitabo ni inkuru z'umusaraba n'ubwihebe. Ariko dutungurwa no kubona Yeremiya adusangiza ubuhanuzi bw'ibyiringiro buvuga kuri Mesiya.

Bitwibutsa Yobu mu gihe nawe yari mu mubabaro ukabije, ubwo ni bwo yatuye ibyiringiro bye (Yobu 19:25). Mu gice cya 3 cy'Amaganya ya Yeremiya, ubwo Yeremiya yari yihebye ni bwo yahanuye aya magambo *" Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, kuko ibambe rye ritabura, zihora zunguka uko bukeye, umurava wawe ni munini. Umutima wanjye uravuga uti 'Uwiteka ni we mugabane wanjye ni cyo gituma nzajya mwiringira. Uwiteka abereye mwiza abamutegerje, n'ubugingo bw'abamushaka. Ni byiza ko umuntu yiringira, ategereje agakiza k'Uwiteka atuje"*' (Amag.3:22-26).

Ibyiringiro byari muri ubu butumwa byari ibi: Imana ntiyigera ireka kudukunda! Nubwo twacumura, ikomeza kudukunda. Ibyiringiro byacu biri mu rukundo rw'Imana. Mwibuke Yeremiya yabwiye abajyanywe ari iminyago ati " mureke kwiratana ubutunzi bwanyu, imbaraga n'ubwenge, ahubwo mwirate Uwiteka. Mukwiriye kumenya Imana akaba ari yo ibahaza. Uburyo uyimenyemo, ni uko urukundo rwayo rutagira ikiguzi n'imbabazi zayo ibihorana. Hano, Imana yarimo ibwira Yeremiya ko imirimo yacu myiza atari yo Imana idukundira kandi guteshuka kwacu gutatuma Imana itwanga na mba.

Ikimenyetso cy'Urukundo rw'Imana

Muri iki gice cya gatatu nanone harimo aya magambo: *"Ni nde wahanura bikabaho, kandi Umwami atari we ubitegetse? Mbese ku bushake bw'Isumbabyose, ntihaturuka ibibi n'ibyiza? Umuntu ukiriho uhaniwe ibyaha bye, yakwinubira iki se? Dutekereze inzira zacu tuzigenzure, tubone kugarukira Uwiteka*" (37-40).

Kwatura ibyiringiro bingana bitya kwa Yeremiya, tubibonana Yobu na we mu gihe cy'imibabaro ye avuga ko mu kuboko kw'Imana tubonamo ibyiza n'ibibi (Yobu 2:10). Salomo nawe yabivuzeho ati " *Ku munsi w'amahirwe ujye wishima, no ku munsi w'amakuba ujye utekereza ko Imana ari yo yabiremye byombi ikabibangikanya, kugirango umuntu atazabona ibizaba mu nyuma ze". Mbere y'ibi Salomo yaravuze ati, "Kujya mu rugo rurimo imiborogo biruta kujya mu rugo rurimo ibirori, kuko iryo ari ryo herezo ry'abantu bose, kandi ukiriho azabihorana ku mutima we."* (Umubwiriza 7:2,14).

Mwibuke ko Abayuda bari bararenze ihaniro mu gusenga izindi Mana ndetse n'abatambyi n'abahanuzi, bose ni ko bari bameze; bari barononekaye. Yeremiya cyo kimwe n'abahanuriye mu bunyage, bari bafite ubutumwa bw'ibyiringiro buvuga butya, "Imana

irabakunda cyane; kuba yihanganira gukomeza kubareba mwivuruguta mu byaha, Imana ntizabareka iteka kuko muri abayo.

Isomo dukuramo, ni uko igihe Imana iduhannye kubera amakosa yacu, dukwiriye kumenya ko ari ikimenyetso cy'uko turi abana b'Imana. Natwe tujya duhana abana bacu iyo bakoze amakosa kandi tubikora kubera ko tubakunda. Ariko ntawahana umwana w'undi kuko atari u we. Imana mu kuduhana, iba itugaragariza ko ari data kandi idukunda. (Abaheburayo 12).

Igice Cya 8

Ubuhanuzi Bwa Ezekiyeli

"Ubuhanuzi butangaje bwiherezo ry'isi." Umwanditsi wa Zaburi atubwira ko igihe Abayuda bari abanyage i Babuloni, abanzi babo barabakobaga, bakababwira bati, "Nimuturirimbire indirimbo z'iwanyu", Abayuda bakababwira bati, "Twaririmba dute indirimbo z'i Siyoni turi mu mahanga?" (Zaburi137: 4). Muri ibi bihe bigoye bitya, ni bwo Ezekiyel na Daniyeli bakoze umurimo wabo w'ubuhanuzi. Ezekiyeli na Daniyeli bari mu kigero kimwe, baranganaga (imyaka). Danieli yagiye i Babuloni afite imyaka 14, Ezekiyeli ajyayo hashize imyaka 9, ubwo yari afite 25. Ezekiyeli we yahanuriye mu nkambi z'impunzi z'abayuda. Ni we muhanuzi wenyine wahanuye mu nkambi abwira abanyage imbona nkubone.

Imana ntiyaretse ubwoko bwayo ngo bubeho nta muhanuzi, bari mu bunyage yaboherereje Ezekiyeli. Umurongo nyamukuru w'ubuhanuzi bwe wari " *Kandi nashatse umuntu muri bo wasana inkike, ngo ahagarare imbere yanjye mu cyuho ahagarariye igihugu kugira ngo ntakirimbura, ariko ntawe nabonye."* (Ezekiyeli 22:30). Imana yashatse uwahagarara mu cyuho hagati y'Imana n'abari mu bunyage ntiyamubona, yohereza Ezekiyeli.

Ibyo Mu Gihe Kizaza

"Ubwiru butangaje" ni yo nyito ibereye igitabo cya Ezekiyeli kubera ko yuzuye ubuhanuzi butangaje bw'iherezo ry'isi. Witegereje Ezekiyeli usanga ubwe yari umuhanuzi w'ibihe. Ushyize abahanuzi mu byiciro, usanga Daniyeli, Ezekiyeli na Yohana intumwa barandikiye ibitabo byabo mu buhungiro ari byo; Daniyeli na Ezekiyeli byanditswe bari i Babuloni, naho Yohana akaba yari ku kirwa cy'i Patimo. Bose uko ari batatu banditse ibyo abantu benshi bakunze kwita "Inyandiko z'imperuka y'ibihe" ijambo "Apocalypse" risobanura ibyahishuriwe kubonwa na bose.

Izi nyandiko nanone zitwa “Escathological” zivuga ku iherezo ry’isi n’abantu; imperuka muri rusange. Ntabwo zihishura ibihishwe gusa, ahubwo zitwinjiza no mu bihe bizaza bya nyuma. Ijambo (ibizaba mu gihe cyimperuka) “Escathology ryiga iby’igihe cy’imperuka.” Umuhanuzi wo muri iki cyiciro, atubwira uko ibintu bizaba bimeze ubwo Imana izaba ishyize iherezo kuri iyi si n’abayituye nk’uko yabiteguye. Abanditsi bakunze kwita umugambi w’Imana wo gushyira iherezo ku biriho, dogitirine y’ibihe by’imperuka.

Incamake y’Igitabo Cya Ezekiyeli

Ubuhanuzi bwa Ezekiyeli butondekanye ku buryo bwiza bukurikira: Ezekiyeli yahanuye isenywa rya Yerusalemu. Mu buhungiro, Ezekiyeli yari afite mu nshingano ze kurwanya abahanuzi b’ibinyoma mu maguru mashya, bahanuraga ko ubunyage burangiye, kubera ko ari byo abantu bari bishimiye kumva. Muri abo bahanuzi b’ibinyoma twavugamo; Hananiya warwanyije Yeremiya avuga ko ubunyage butazamara imyaka “70” maze Yeremiya amucyaha amubwira ko uwo mwaka utazarangira Hananiya adapfuye, ni ko byagenze. (Yeremiya 28:11). Ku bigaragara, hari abandi bahanuzi nka Hananiya. Mu bice bibanza 24 by’igitabo cye, Ezekiyeli yarwanyije ubu buhanuzi bupfuye, ndetse ashimangira ko yerusalemu izasenywa. Cyo kimwe na Yeremiya, Ezekiyeli na we yavuze ko nta garuriro, ab’i Babuloni bazasenya Yerusalemu. Mu bice 25 kugeza 32, Ezekiyeli yahanuye ubuhanuzi bwibasira i Babuloni, kubera ko basenye Yerusalemu. Mu bice 33-40, Ezekiyeli yahanuye ko yerusalemu izongera kubakwa. Ibice 8 bihera, Ezekiyeli yahanuye iby’ibihe by’imperuka; yahanuye ko mu kibanza urusengero rwa Salomo rwari rwubatsemo hazubakwamo urundi, ku by’icyo gihe, yagarutse ku rusengero ruzubakwa ku ngoma y’imyaka igihumbi ya Yesu.

Imiterere Y’Iyerekwa Rya Ezekiyeli

Igice kinini cy’ubuhanuzi bwa Ezekiyeli yabutanze mu buryo bwo guhishura ibintu runaka nk’uko tubibona no mu gitabo cy’Ibyahishuwe. Dore uko iyerekwa rya mbere rya Ezekiyeli ryari rimeze: “*Mbona umuyaga w’ishuheri uturutse ikasikasi, igicu cya rukokoma gishibagura umuriro gikikijwe numucyo w’itangaza, kandi hagati y’uwo muriro haturukaga ibara nk’iryumuringa ukubye. Muri uwo muriro haturutsemo ishusho y’ibizima bine, kandi uku ni ko byasaga: byari bifite ishusho y’umuntu; kandi buri kimwe cyari gifite mu maso hane, buri kimwe cyari gifite n’amababa ane. Mu maso habyo uko hasaga byari bifite nko mu maso h’umuntu,*

kandi bose uko ari bine bifite nko mu maso h'intare mu ruhande rw'iburyo, kandi uko ari bine byari bifite nko mu maso h'inka mu ruhande rw'ibumoso, kandi uko byari bine byari bifite nko mu maso h'igisiga. Nuko nitegereje ibyo bizima mbona uruziga ruri ku isi iruhande rw'ibyo bizima, imbere yo mu maso habyo uko ari bine. Umwuka w'ikizima cyose wari mu nziga." (Ezekiyeli 1:4-, 10,15,21).

Ibizima bine ni igice cy'ingenzi cy'iyerekwa. Yohana na we yavuze kuri ibi bizima, mu gitabo cy'Ibyahishuwe ubwo ijuru ryamukingukiraga. *"Imbere y'intebe y'Imana n'ibi bizima yabonye uko ari bine. Icya mbere cyasaga n'intare, icya kabiri cyasaga n'ikimasa, icya gatatu cyari gifite mu maso hasa n'ah'umuntu, naho icya kane cyasaga n'ikizu kiguruka."* (Ibyahishuwe 4:6-7) Abanditsi benshi bavuga ko iri yerekwa Ezekiyeli na Yohana bahuriyeho, rikubiye hamwe iyerekwa ryose Imana yageneye abantu mu byanditswe.

Ubwo Imana yihishuriraga umuntu bwa mbere ku musozi wa Sinayi, yivuze itontoma nk'intare. Ubundi buryo Imana yiyeretsemo abantu ni mu buryo bw'ibitambo nk'uko tubibona mu gitabo cy' Abalewi. Inka yari ihagarariye ibitambo byagombaga gutambirwa ibyaha by'abantu.

Ishusho y'umuntu muri ibi bizima, iratuzana mu butumwa bwiza aho dusanga IMANA yarigize umuntu, ikabana natwe imyaka 33. Naho igisiga bivugwa ko gihagarariye ubumana. Uyu muntu wabanye natwe "yari umuntu ijana ku ijana kandi yari Imana ijana ku ijana" nk'uko Credo zibivuga. Uku kwigira umuntu kwa Yesu Kristo ni bwo buryo bukomeye Imana yiyeretsemo abantu. Inziga zerekana, iyerekwa rikomeza ry' Imana ndetse harimo n'uruhererekane rw' abahanuzi banyujijwemo iyerekwa, kubera ko umwuka wa bya bizima wari no mu nziga. Ubwo ni bwo busobanuro bushoboka kuri iri yerekwa ry'ibanze.

Iyo turebye uburyo Ezekiyeli yahamagawe mu bice 2, dusanga yarahamagawe nyuma yo kubona iri yerekwa. Ibi ni byo umuntu yakwita "gutozwa umuhamagaro kwa Ezekiyeli." Muribuka uburyo Yesaya yatojwe umuhamagaro akaza guhamagarwa nyuma mu gice cya gatandatu? Abahanuzi bose bakomeye n'abandi bantu bakomeye b'Imana mu Isezerano rya Kera, babanje gutozwa umuhamagaro babona kuwukorera. Ibyo bagiye banyuramo mbere, byabegereje Imana baza gukomeza gukora umuhamagaro bari mu murimo.

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Hari abagiye bategurwa igihe kirekire mbere y'uko bahamagarwa mu Isezerano rya Kera. Urugero: Mose yateguwe imyaka mirongo inani aba mu muhamagaro imyaka mirongo ine. Ni yo mpamvu mu myaka 40 yakozemo, yabaye umuyobozi mwiza bivuye mu myaka 80 yo gutozwa. Mu gice cya mbere, iyerekwa ry'ibizima n'inziga Ezekiyeli yabonye, yari arimo gutegurwa kuba umuhanuzi. Ezekiyeli yahamagawe igihe Abayuda bari baratakaje icyerekezo (batacyerekwa); bari baratakaje Yerusalemu, urusengero bari bararusize, batakigira Ijambo ry'Imana, nta buryo bundi bwo gusenga bari bafite. Ni yo mpamvu umuyobozi mu buryo bw'umwuka ariwe Ezekiyeli yagombaga kugira iyerekwa ridasanzwe riva ku Mana.

Imana yagiye yiyereka Ezekiyeeli mu buryo bunyuranye aho usanga Ezekiyeli yaragiye avuga ati " Ijambo ry'Uwiteka ryongeye kunzaho riti." Ibi ni ibihuriweho n'abahanuzi bose. Ariko yarongeye ati "ukuboko k'uwiteka kwanjeho." Ezekiyeli azwi nk'umuhanuzi w'Umwuka Wera kubera ko arusha abandi bahanuzi bose kuvuga ku Mwuka mu bahanuzi. Umwihariko wa Ezekiyeli w'ingenzi ni uko yabonye ijuru rikinguka abona ubwiza bw'Imana.

Imana yatanze iri yerekwa mu rwego rwo kugirango abantu bayo batarimbuka. Nanone, Imana yiyeretse Ezekiyeli muri ubu buryo, kugira ngo abashe guhanura mu gihe gikomeye cyo mu buhungiro aho Abayuda bakoraga uburetwa i Babuloni.

Umurinzi

Isomo nyamukuru rya Ezekiyeli turisanga mu gice cya 3. Iki cyigisho cyitwa "Umurinzi w'inzu ya Isirayeli." Iyi mvugo ishingiye ku kuba harabagaho abarinzi b'inkike kubera amahanga yakundaga gutera Isirayeli. Salomo na we yakoresheje iyi mvugo ubwo yahakanaga ko iyo Uwiteka atari we urinze umurwa abawurinda baba barushywa n'ubusa (Zaburi 127:1). Aha abagaho b'abarinzi b'inkike bagombaga kumviriza abanzi bakiri kure.

Iri somo ry'umurinzi Ezekiyeli aritangira atya: "*Nuko iminsi irindwi ishize, Ijambo ry'Uwiteka rinzaho riti: 'Mwana w'umuntu, nakugize umurinzi w'inzu ya Isirayeli, nuko wumve ijambo ryo mu kanwa kanjye ubumvishe ibyo mbaburira. Nuburira umunyabyaha, ntareke inzira ze mbi, azapfira mu byaha bye ariko ni wowe nzabaza amaraso ye.'" (Ezekiyeli 3:16-17).*

Ubwo Yeremiya yacyahaga abahanuzi b'ibonyoma bo mu gihe cye yagize ati: "Ntabwo mwigeze muburira abantu ku bw'ibyaha byabo no kubabwira ibyago bibategereje." Ezekieli yakomeje avuga ati: "Nk'umuhanuzi nuburira abanyabyaha kureka gukiranirwa kwabo, bazapfira mu byaha ariko wowe uzakiza ubugingo bwawe. Ariko n'utaburira umunyabyaha ko azapfa, amaraso ye azakubarwaho. Intumwa Pawulo mu gihe cye, ibi yabihaye agaciro ubwo yandikaga ati: "*Kuko turi impumuro nziza ya Kristo ku Mana, hagati y'abakira n'abarimbuka. Kuri bamwe turi impumuro y'urupfu izana urupfu ku bandi turi impumuro y'ubugingo izana ubugingo. Kandi ibyo ni nde ubikwiriye? Ni twe kuko tutameze nka benshi bagoreka Ijambo ry'Imana, ahubwo tumeze nk'abatariganya batumwe n'Imana, bakavuga ibya Kristo imbere yayo." (2 Abakorinto 2:16-17).*

Isomo tuvanamo ni iri: Ni ukubwiriza abantu ubutumwa bwiza, bakizera; uzaba ubereye impumuro nziza uwo muntu. Nubwiriza umuntu ubutumwa bwiza ntiyizere, ibyo umubwiye uzaba umubereye impumuro y'urupfu kuko uzaba ukuyeho urwitwazo rwo kuvuga ngo "ntabyo namenye", "ntabyo numvise." Niba wemera ko Bibiliya yahumetswe n'Imana, twagombye kwemezanya na Ezekiyeli ko turi abarinzi b'ubugingo bw'abantu tubana.

Ezekiyeli yibanda ku Mwuka Wera mu nyigisho ze. We na Pawulo, basanze ntacyo bageraho Umwuka Wera atabafashije. Pawulo yandika ku "kwihaza kwacu kuva ku Mana," yari azi neza ko ighe cyose yabaga arimo kwigisha Abakorinto cyangwa abandi bantu, atari ubwenge bwe yabikoreshaga, ahubwo yari Umwuka Wera (2 Abak 3:5, 1Abak 2:3-5). Imana yonyine ni yo ituma duhobora kuba abarinzi mu buryo bw'Umwuka.

Igice Cya 9
" Amagufwa Yumye"

Abashumba bamaze igihe mu kubwiriza Ijambo ry'Imana, bakunda kuvuga kuri iyi nkuru y'amagufwa yari mu kibaya aho umuntu yakwibwira ko hari hashyinguye abantu benshi. Bibiliya itubwira ko Ezekiyeli yajyanywe n'Umwuka mu kibaya cyari cyuzuye amagufwa, Imana imutuma kuyahanurira (37). Abavugabutumwa bakunze guhura n'ikibazo cyo gusobanura iri somo iyo bahagaze imbere y'abo bayobora ku cyumweru. Hari umubwirizabutumwa wabwirije avuga ko Kristo nagaruka, abayoboke be ari bo bazabanza kuzuka ashingiye ku byo intumwa Pawulo yavuze ko "abapfiriye muri kristo ari bo bazabanza kuzuka" (2 Abagalatiya 4:16).

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Ezekiyeli ashobora kuba yaribajije niba aya magufwa yaba mazima? Ese aho nahanura Umwuka Wera abigizemo uruhare maze ubuzima bukinjira muri aya magufwa akaba abantu bazima bafite ubugingo? Ezekiyeli amaze kwemerera Imana ko agiye guhanurira ayo magufwa yumye, Imana yaramubajije iti: "*Mwana w'umuntu aya magufwa yabasha gusubira kubaho? Ndasubiza nti 'Mwami Uwiteka ni wowe ubizi' Arongera arambwira ati; 'hanurira aya magufwa yumye maze uyabwire uti'; 'yemwe mwa magufwa mwe nimwumve Ijambo rw'Uwiteka. Umva uko uwiteka abwira aya magufwa ngo dore ngiye kubashyiramo umwuka ngo mubeho*.'" (*Ezekiyeli 37:3-5)*

Abayuda bari bameze nk'amagufwa yumye. Umukoro Imana yahaye Ezekiyeli wari uyu "Mbese aya magufwa yakongera akaba abantu bazima?" Imana yagiye igira akazi gakomeye ko kumvira abahanuzi kwakira ibyo beretswe.

Ezekiyeli ntabwo yasubije Imana ati "Yego ndizera ko aya magufwa yakongera akabaho" ahubwo yagize ati "*Ni wowe ubizi Mwami"* umuhanuzi ntabwo yari yizeye ko bishoboka, ariko Imana iramubwira iti "yahanurire." Ezekiyeli atangiye guhanura, habaho guhinda, isi iratigita buri gufwa ritangira gusanga irindi.

Amagufwa amaze kwegerana, Ezekiyeli yagize iteraniro ry'amagufwa ry'ibikanka by'abantu, bitariho imitsi n'inyama. Ezekiyeli yongera kubwirwa ngo ongera uhanure " agihanura, imitsi n'inyama bifata ya magufwa. Ezekiyeli amaze kubona inyama n'imitsi bifashe kuri ya magufwa, yari agikeneye gusubiza ikibazo yabajijwe n'Imana. "aya magufwa yasubiranye ubuzima? Amaze guhanura, iba imirambo itarimo umwuka; Imana iramwegera iramubwira iti: "*hanura maze umwuka ayizemo*." Muri Bibiliya, impumeko n'umwuka byombi ni kimwe; ni amagambo amwe. Impumeko hano Bibiliya ivuga ni Umwuka wera. Isomo tuvanamo ni iri: nta Mwuka Wera, ababwirizabutumwa nta cyo bageraho. Umuhanuzi wese ukora Umwuka Wera atamuriho aba asa n'ugerageza gukora ibidashoboka.

Ubwo Ezekiyeli yongeraga guhanura, Umwuka yinjiye muri iyo mirambo, ihinduka ingingo zikomeye. Isomo nyamukru Abayuda bari barimo kwiga muri iyi nkuru y'amagufwa yumye ni iri: Imana yari irimo kubabwira iti "nshobora kongera kubivuga nkabagarura mu gihugu cyanyu kandi nabasha kubasubiza ibyari ibyanyu byose mwari mufite mukiri muri Isirayeli."

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Isomo rya kabiri tubonamo ni ishusho y'ivugabutumwa ikenewe mu kubaka itorero rya none. Kuvuga ubutumwa biherekejwe n'Umwuka Wera bigira umumaro mwinshi. Amagufwa yumye agereranywa n'abazimiye bataramenya Yesu. Muri miriyari zirenga 7 zituye isi ni bangahe bakiriye Kristo? Ni bangahe bari muri Kristo? Ni bangahe bazi ijambo 'guturwamo n'Umwuka Wera?' Ni bangahe bahinduwe n'Umwuka w'Imana? Ni bake cyane. Umukoro itorero rya none rifite nyuma yo kwiga iri somo ry'amagufwa yumye ni uyu: mbese itorero rya kristo rishobora kuba mu mbaraga z'Umwuka Wera kugira ngo rishyire mu bikorwa inshingano ikomeye ryahawe ryo kugeza ubutumwa bwiza bwa kristo ku batuye isi bataramumenya?

Ese waba uri umwe mu magufwa yumye? Waba warazimiye utarumva ubutumwa bwiza ngo wakire agakiza ka kristo Yesu? Ese ubu butumwa bukugezeho bwaba busanze usa n'uriho nyamara udafite ubugingo buzima? Ese ufite Umwuka Wera muri wowe kandi aragukoreramo umurimo wahamagariwe? Ni izihe mbogamizi cyangwa ikibazo ufite imbere yawe? Uko biri kose ntabwo bingana n'ibyo Ezekiyeli yabyukiragaho buri gitondo. Niba Imana yarohereje amagufwaUmwuka, akaba abantu mu gihe cya Ezekiyeli, no muri iki gihe Imana ishoboye kubikora kuri jye na we. Niba Umwuka aba muri wowe, urimo kubaka ute itorero rya Kristo? Ntabwo uhamagarirwa kubwiriza ubutumwa bwiza gusa abandi, ahubwo ugomba kumenya ko hari Umwuka ukwiriye gusiga Ijambo ry'Imana ukabona kuribwiriza abandi; bikunze kuvugwa ko umuvugabutumwa, ari nk'umuntu usabiriza ubwira undi gusabiriza mugenzi we aho bashobora kubona umugati. Niba uri umwe muri abo basabiriza bagendereye kubwira umusabirizi (abakeneye Yesu) aho umugati uri, ugomba kubanza kumenya ko Ijambo ry'Imana riherekezwa n'amasengesho menshi kugira ngo urisangize ababikeneye.

Mu gice cya 2 cy'Ibyakozwe n'Intumwa, hatubwira uburyo intumwa n'abizera bo mu itorero rya mbere bahurizaga hanwe mu Mwuka kandi bagasangira ibyabo hamwe. Bagiraga umubano wuzuye urukundo. Ubwo intumwa zakoraga umurimo wo kugabanya abizera ibibatunga by'umubiri, iby'umwuka byaraharenganiye bituma intumwa zifata umwanzuro ukomeye wo gutoranya abadiyakoni, babaha inshingano zo kwita ku bibazo kugira ngo intumwa na zo zigabure ijambo ry'Imana zinasenge. Izi ntwaro zombi Ezekiyeli yakoresheje mu murimo we ni "ugusenga n'ijambo." Hari umuntu wavuze ngo "Iyo duteraniye hamwe, ntihagire uhinduka tuba twateraniye ubusa kandi iyo tubwiriza tuvuga amagambo gusa cyangwa inkuru, ntacyo bimarira ababyumva."

Ariko nidukurikiza urugero rwa Ezekiyeli n'intumwa, tuzamenya ko iyo ijambo ribanjirijwe no gusenga bitanga umusaruro. Abumva ijambo bashobora guhinduka burundu. Igihe cyose ubwiriza ubutumwa bwiza Imana yaguhamagariye, nubwiriza " amagufwa" uzabwirize "Umwuka" nawe. Bisobanuye ko igihe cyose urimo kuganira ijambo ry'Imana n'umuntu runaka, ukeneye Umwuka Wera gusiga buri ijambo ryose uvuga. Umwuka Wera nagusiga agasiga n'ijambo, " ayo magufwa" azaba mazima agire ubugingo.

Igice Cya 10
Ubuhanuzi Bwa Daniyeli
Imyitwarire Y'abasore Bajyanywe i Babuloni

Daniyeli ni uwa kane mu bahanuzi bakuru, akaba n'uwa gatatu mu bahanuzi bahanuriye mu bunyage. Ubwo Yerusalemu yasenywaga bwa mbere, aho ni ho twumva Daniyeli ku ncuro ya mbere. Icyo gihe Daniyeli yari afite imyaka cumi n'ine ubwo yajanwaga mu bunyage. Muri icyo gihe ntabwo mu bunyage hagiye abantu benshi, ahubwo hatoranijwe abantu bake gusa barimo Daniyeli n'abagenzi be batatu bari mu kigero kimwe.

Byasaga nk'aho, Nebukadinezari yari yategetse ko "hatoranywa ibikomangoma, abahanga, n'abanyabwenge kugira ngo bigishwe muri kaminuza y'i Babuloni." Imana yakoresheje umwami w'umunyamahanga atanga itegeko ko abasore b'Abayuda bigishwa iby'ubwenge ku nyugu z'ubwoko bwayo. Imana yashakaga ko igihe abandi banyagano bazazira bazasange ba Daniyeli bafite ijambo mu bwami bwa Nebukadinezari.

Isomo Riri Mu Kubaha Imana kw'Abasore Babayuda

Igitabo cya Daniyeli kigabanyijemo ibice bibiri: ibice bitandatu bibanza, ni amateka y'ibyabaye, naho uhereye ku gice cya karindwi kugeza ku cya cumi na kabiri, ni ubuhanuzi n'iyerekwa. Umurongo w'ingenzi muri ibi bice bitandatu bibanza bivuga ku mateka ni Daniyeli 1:6; ufitanye isano n'umurongo wo mu isezerano rishya dusanga mu rwandiko Pawulo yandikye (1 abakorinto 10:11) ati: "*Ibyo byabereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe."*

Mu Isezerano rya Kera usanga abantu b'Imana baragiye bagira imbaraga ubundi ugasanga baragize intege nke. Ariko Daniyeli na Yozefu si ko byabagendekeye n'ubwo babayeho mu bihe bikomeye ku ngoma z'abami batubahaga Imana. Barinze ubusore bwabo mu gihe cyabo. Bombi ni bamwe mu bantu bake batunganiye Imana bari mu bunyage.

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Yosefu yabaye inkoramutima ya Farawo umwami wa Egiputa naho Daniyeli we ubuzima bwe bwose yabumaze mu bihugu byari bifite umuco mubi ugoye, ku ngoma z'abami b'i Babuloni, n'Abaperesi. Yabaye ku ngoma ya Nebukadinezari, n'umuhungu we Belushazari. Yabonye ihanguka ry'ubwami bw'i Babuloni busimburwa n'iya b'Amedi n'Abaperesi. Yakomeje kugorwa mu gihe cy'imyaka 70 y'ubunyage.

Ya myaka y'ubunyage yarangiye Daniyeli ashaje cyane, afite intege nke ku buryo atashoboye gusubira i Yerusalemu ariko yabonye abagiyeyo. Zari inshingano za Daniyeli kwigisha Abayuda uburyo bakwiriye kwitwara mu bunyage, umurimo yatangiye afite imyaka 14. Daniyeli yitwaye neza mu buhungiro ku buryo byabereye urugero rwiza Abayuda, ndetse natwe abo muri iki gihe.

Daniyeli Agambirira Neza

Intumwa Pawulo yagize ati "*Ntimwishushanye n'ab'iki gihe ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya." (Abaroma 12:2).* Uvuze uyu murongo mu bundi buryo wavuga utya: " ntimureke isi ngo ibakurure mu byayo, ngo ibahindure ahubwo mwemerere Imana ihindure imitima yanyu muri mwe." Iyo nama yagiriwe abizera mu Isezerano Rishya, Daniyeli na we yarayibagiriye ubwo yageraga i Babuloni. Ntabwo byatinze nyuma y'aho Daniyeli agambiriye kutaziyandurisha ibyo kurya by'i bwami, yatangiye guhura n'umuco w'i Babuloni urwanya kwizera kwe. Aza gutoranyirizwa kwiga muri kaminuza y'i Babuloni; ndetse anatozwa kuzaba umwe mu bayobozi b'i Babuloni igihe nikigera.

Ikigeragezo cya mbere Daniyeli yahuye na cyo, ni ibyo kurya by'i bwami. Birashoboka ko muri ayo mafunguro y'I bwami habaga harimo inyama z'ingurube n'indi nyamanswa, zizira abayuda batagomba kurya. Dore uko yabyitwayemo:*"Maze Daniyeli agambirira mu mutima kutaziyandurisha ibyo kurya by'i bwami cyangwa vino." (Daniyeli 1:8).* Daniyeli bisobanura ngo "Imana ni yo mucamanza wanjye." Yagendenaga n'Imana akayisaba kumurondora umunota ku wundi. Bagenzi be uko ari batatu, amazina yabo na bo yari afite ubusobanuro mu ijambo ry'Imana. Mishayeli bivuga "Ni nde umeze nk'Uwiteka?" Hananiya " " Azarial " "

Ikintu cya mbere umwami w'i Babuloni yakoze ni uguhindura amazina y'aba basore b'Abaheburayo muri ubu buryo: Daniyeli yahimbwe Belushazari, bisobanura: 'Bel' cyari ikigirwamana cy'i Babuloni gishinzwe kubera maso ubuzima bw'abantu, bivuga ko

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Nebukanezari yari arimo kugerageza kumvisha Daniyeli ko uburinzi bwe bufitwe na 'Bel' ikigirwamana. Mishayeli we yahimbwe "Meshake", bisobanura Mordock mu Rukaludayo, na cyo cyari ikigirwamana. Hananiya ahimbwa "Saduraka", ikigirwamana cy'ukwezi, cy'i Babuloni. Azariya ahimbwa "Abednego" bisobanura " umugaragu w'ikigirwamana gishinzwe ubwenge i Babuloni (Daniyeli1: 7).

Nebukadinezari yabwiraga aba basore b'Abayuda ati "tugiye kubahinduramo Abanyebabuloni tubatoza umuco wacu. Ariko Daniyeli na bagenzi be bahagaze imbere y'umwami n'igihugu cyose, bati "ntibishoboka ko dutozwa umuco w'imana z'i Babuloni, ahubwo ni mwe muzamenya ko dufite Imana.

Igice cya 4 cya Daniyeli kitubwira ko umwami Nebukadinezari yagiye yatura gukomera kw'Imana ya Daniyeli avuga ko iriho. Iki ni cyo gice cy'ingenzi cyane muri Bibiliya. Ni iki cyatumye Nebukadinezari yatura gukomera kw'Imana ya ba Saduraka? Ibi byose byatangiye ubwo Daniyeli yangaga kwiyandurisha ibyo kurya by'i bwami bw'i Babuloni.

Daniyeli Asobanura Inzozi

Bidatinze, Daniyeli na bagenzi be bahuye n'ikindi kibazo gikomeye. Nebukadinezari yaje kurota inzozi zimuhagarika umutima. Ahamagaza abanyabwenge abasaba "kumwibutsa inzozi yarose no kuzisobanura." Nk'uko nawe ubyumva cyari ikibazo cy'ingutu ku banyabwenge b'i Babuloni. Ikibazo Nebukadinezari yari afite ntabwo cyari icyo gusobanura inzozi, ahubwo kwari ukumenya niba ubusobanuro bwazo ari bwo? Icyo ni cyo Nebukadinezari yibazaga. Akimara gusaba abanyabwenge kumurotorera inzozi no kuzisobanura no ku zisobanura, byabateye ubwoba cyane. Ibaze umwami nka Nebukadinezari agusabye gukora ikintu runaka, wasubiza nk'uko basubije cyangwa byagutera ubwoba.

Abanyabwenge b'i Babuloni basubiza umwami bati: "*Nta muntu n'umwe wo mu isi wabasha kumenyesha umwami iryo jambo… nta washobora gusobanurira umwami inzozi keretse Imana zera zitabana n'abafite imibiri."(Daniyeli 2:10-11)* Icyo gisubizo kirakaza umwami bituma ategeka ko bicwa. Muri abo banyabwenge bagombaga kwicwa harimo Daniyeli na bagenzi be kuko bari banze ibiryo by'ubwenge. Igihe intumwa y'i bwami yari ije gutwara abo abanyabwenge ngo bicwe, Daniyeli abazanya ubwenge intumwa y'i

bwami ati: “kuki habayeho itegeko ryikubagahu rivuye ku mwami? Iyo ntumwa isubiza ko habaye kutumvikana hagati y’abanyabwenge n’umwami cyane ko abanyabwenge bavuze ko Imana zitabana n’abantu arizo zonyine zabishobora. Igisubizo cya Daniyeli gikubiye muri aya magambo: “ niba ari uko bimeze, ni aho byapfiriye kubera ko Imana ahubwo ibana n’abantu.” Daniyeli ajya kureba umwami; amusaba kuba yamuha akanya gato akamusobanurira inzozi ze.

Daniyeli abwira bagenzi be uko ikibazo kimeze, maze batangira gusenga. Muri iryo joro, Imana isobanurira Daniyeli inzozi za Nebukadinezari n’igisobanuro cyazo mu iyerekwa ridasanzwe. Daniyeli ahabwa umwanya imbere y’umwami bakorana ikiganiro giteye gutya: “wa mhungu we, nabwiwe ko ubasha kunsobanurira inzozi narose” daniyeli aramusubiza ati:

“Imana yonyine niyo ibasha gusobanura inzozi, ibyo wasabye bakubeshye, Imana ibana n’abantu kandi yambwiye igisobanuro cyazo.” Daniyeli amusobanuriye inzozi, yikubita hasi yubamye. Guhera icyo gihe, yahoraga avuga ko Daniyeli ababwamo n’ umwuka w’Imana (Daniyeli 2).

Inzozi Daniyeli yasobanuriye umwami, ni kimwe mu bitangaza bitanu dusanga mu gitabo cya Daniyeli. Byabagaho mu buryo Imana yashakaga kugaragazaga ko ariyo ibikoze. Ibitangaza bine bindi ni ibi: ba Saduraka, Meshake na Abednego bakurwa mu itanura ry’umuriro, (Daniyeli 3), Nebukadinezari yatura ko Imana ya Daniyeli ari yo Mana nyamana (daniyeli 4), inyandiko yo ku gikuta umwami Belushazari yabonye (5) na Daniyeli avanwa mu rwobo rw’intare (6).

Mu bitangaza Daniyeli na bagenzi be babonye, berekanye Imana bizeye iyo ariyo mu bihe bikomeye. Bari bafite kwizera imbaraga z’Imana zikora ibidasanzwe gusa. Intwaro yo gusenga ni yo yonyine, bari bafite gusa, kandi bari bateze gutabarwa kwabo ku Mana gusa yonyine, yabohereje i Babuloni. Wari wigera uhura n’ikibazo kidafite inzira, igisubizo, kitabonerwa igisubizo mu buryo busanzwe? Ibibazo Daniyeli n’abagenzi be bahuye na byo i Babuloni, nta nzira, nta n’ubundi buryo bwo kubikemura bari bafite uretse ku Mana. Batubereye urugero ry’uburyo dukwiriye kwitwara mu gihe tubigeze mu bibazo nk’ibyo.

Mu gihe urimo gutekereza kuri ibi bitangaza biri muri iki gitabo cya Daniyeli, wibaze uti: Mbese wizera imbaraga zidasanzwe z’amasengesho? Mbese wizera imbaraga zidasanzwe z’Imana?

Urizera ko Imana ibasha gusubiza ibibazo byawe ku bw'icyubahiro cy'Imana? Ibi ni byo byonyine wizera gusa?

Igice Cya 11
Uburyo Babuloni Yari Ikomeye

N'ubwo iri atari isomo ryigwa mu buryo bw'amateka asanzwe ahubwo akaba ari incamake ya Bibiliya, hari amateka ya ngombwa ko tumenya kugirango twumve neza ubutumwa dukuye mu gitabo cya Daniyeli. Bibiliya ikoresha Ingoma z'abami mu kuranga igihe runaka. Urugero ni urw'umwami Kayisari, mu nkuru za Noheri nk'uko tubisoma mu gice cya 2 cy'Ubutumwa bwa Luka.

Inkuru zose zikubiye mu bice bine bibanza bya Daniyeli zabaye mu gihe Nebukadinezari yari umwami w'i Babuloni n'ibihugu byose, yari ayoboye. Inkuru ziri mu gice cya 5, zabaye ku ngoma y'umwami Belushazari umuhungu wa Nebukadinezari. Mu mpera z'igice cya 5 no mu ntangiriro z'igice cya 6, inkuru zirimo zivuga ku ngoma y'Abamedi n'Abaperesi, ubwo Dariyo w'Umumedi, yari umwami. Amateka avuga ko ibice bitandatu bya Daniyeli bibanza, bikubiyemo imyaka 70 y'amateka y'ubwami bw'i Babuloni.

Amateka atandukanye ajyanye n'ingoma z'abami dusanga muri Bibiliya ari zo, Egiputa, Ashuri, Ubuperi, Ubugereki, n'ubwami bw'Abaroma. Abiri muri ayo mami ni yo yihariye igitabo cya Daniyeli. Ubwami bw'i Babuloni bwamaze imyaka 70, n'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwari bufite intara 127, ubu bwanyuma bwo tubusanga no mu gitabo cya Esiteri. Hari ubuhanuzi Daniyeli yahanuye agaruka kuri aya mami: Babuloni, Abaperesi, Abagereki n'Abaroma.

Byagufasha cyane kumva amateka ari mu gitabo cya Daniyeli no kumenya gukomera kwa Nebukadinezari, uramutse umenye, imiterere y'umujyi wa Babuloni. Nk'uko tubibwirwa n'umwe mu basesenguzi b'Isezerano rya Kera, dusanga ko Babuloni yari iteye itya: "yari ituwe n'abantu bangana na miliyoni ebyiri kandi ubusitani bwomu butaka bw'i Babuloni bwari kimwe mu bintu 7 bitangaje byo mu isi ya kera. Amateka atubwira ko inkike zari zikikije umujyi w'i Babuloni zari zifite uburebure bwa kilometero 100. Ibilometero 25 kuri buri ruhande. Uburebure bw'igihagararo bw'izo nkike buri ruhande. Uburebure bw'igihagararo bw'izo nkike bwari metero 110 na metero 30 za (epeseri) z'umubyimba. Izo nkike zari zifite uburebure bw'ikijyepfo bwa metero 13, kugira ngo hatazagira uwinjira muri Babuloni anyuze munsi y'ubutaka. Hari metero magana ane, intera itubatse hagati y'umujyi n'inkike kandi mu rwego rw'umutekano, izo nkike zari zikikijwe n'ibinogo

by'uzuye amazi birinda abanzi kugera ku nkike, hanyuma hakaza abirinzi 250 ku nkike.

"Uruzi rwa Efurati rwagabanyemo uwo mujyi kabiri. Inkombe zombi z'urwo ruzi zari zifite ibikuta by'amatafari, bifite amarembo 25 ahuza imihanda mito y'umujyi amatara. Hari ikiraro 1 cyubatswe n'amabuye, gifite uburebure bwa kilometero 1 na metero 11 z'ubugari, hari n'ibiraro bikora ku manywa, ninjoro bikazingwa. Hari inzira yo munsi y'ubutaka ifite metero 7 z'ubugari, na metero 4 z'uburebure. Kubijyanye n'ibitero by'icyo gihe cya kera, Babuloni wari umujyi w'umutamenwa. Ntabwo Babuloni yari umujyi wa mbere gusa mu gihe cya Daniyeli, ahubwo ni nabwo bwari ubwami bukomeye kuko bwari buhatse imyaka 70 gusa. Daniyeli, incuti n'umujyanama w'umwami Nebukadinezari ni na we wubatse Babuloni. Nebukadinezari yayoboye Babuloni mu gihe cy'imyaka 45, muri 70 Babuloni yabayeho.

Amategeko ya Nebukadinezari ntiyavuguruzwaga nk'uko tubibona mu gice cya 5 cya Daniyeli 5:19 yicaga uwo ashatse kwica, agakiza uwo ashatse gukiza. Muri iki gihe nta wakwishimira kuba mu mategeko nk'ayo ya Nebukadnezari. N'usoma neza witonze, uzasanga, buri gitangaza cyaraherekezwaga n'uko Nebukadinezari avuze ko Imana ya Daniyeli ari iyo kwizerwa.

Uburyo Daniyeli yamenye akanasobanura inzozi za Nebukadinezari mu gice cya 2, byamukoze ku mutima cyane. Muri izo nzozi, Nebukadinezari yabonye igishushanyo kimeze nk'umuntu, umutwe wari izahabu, igituza cyari ifeza, inda n'ibibero byari imiringa, amaguru yari ibyuma naho ibirenge byari ibumba n'ibyuma bivanze.

Daniyeli amusobanurira ko ayo ari amami ane, akomeye muri ubu buryo; wowe ubwawe ni wowe zahabu kuko utegetse isi yose, ariko ubwami bwacu ntibuzahoraho, buzasimburwa n'ubundi bwami, bw'ifeza ari bwo Abamedi n'Abaperesi, bwo ntibuzatwara isi yose kuko hazakurikiraho ubwami bw'Abagereki bw'imiringa, haheruke ubwami bw'Abaroma bukomeye nk'ibyuma.

Birashoboka ko amashusho 10 yagereranyaga uko ubwami bw'Abaroma buzaguka. Biragaragara ko Nebukadinezari yagize ubwibone bwinshi amaze kumva ko " ari umutwe w'izahabu" hanyuma aza kurema igishushanyo cy'izahabu aho yaje gusaba abantu bose kucyubararira bakakiramya. Yari kure cyane yo guca bugufi. Nk'uko tuza kubibona, ku bw'imyitwaririe ya Daniyeli na bagenzi be, uko ari batatu, byaje guhindura imitekerereze ya

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Nebukadinezari bituma aza kwatura ko Imana nzima kandi y'ukuri ari iya Daniyeli na bagenzi be.

Nebukadinezari Yihana

Mu nzozi ze, Nebukadinezari yabonye icyo gishushanyo kitararimbuwe n'umuntu, n'intege nke z'umuntu. Iri buye riza kugwa kuri cya gishushanyo Nebukadinezari yarose mu nzozi ze, uko cyakabaye maze ivu ryacyo ritumurwa n'umuyaga nk'umurama ugosorwa mu cyi. Igisobanuro cy'ibyo, ni uko ayo mami yose uhereye ku bw'izahabu, ifeza n'imiringa, ibyuma n'ibumba, umunsi umwe buzasimburwa n'ubwami butari ubw'abantu ahubwo ubwami bw'Imana ubwayo.

Ntabwo tuzi neza uburyo Imana yaciriye Daniyeli inzira yo kugera kuri Nebukadinezari gusa, mu buryo butangaje, tubona Daniyeli abwira Nebukadinezari muri iki gice kidasanzwe inzozi z'igiti kirekire cyane ku buryo umuntu ku isi yabasha gukibona. "*Icyo giti cyari gifite imbuto nyinshi ku buryo abantu bose bo mu isi zabakwira. Hanyuma malayika ava mu ijuru arangurura n'ijwi ati " nimuteme icyo giti, mugikureho amashami n'imbuto ariko ikirimbu cyo ntimukirimbure ndetse n'imizi yacyo, ahubwo mukizirike n'umunyururu." (Daniyeli 4:14-15)*

Marayika arongera ati: "*Ikime nikimutondeho, n'abane n'inyamanswa zo mu ishyamba, umutima wa Nebukadinezari n'ube nk'uwinyamanswa kugeza igihe imyaka 7 izashirira." (Daniyeli 4:15-16)* Marayika avuga ko impamvu y'ibyo byose ari kugira ngo abantu bamenye ko " Imana isumbabyose ari yo yimika abami bo mu isi uhereye ku bakomeye kugeza ku boroheje.

Uko byagenze, umwami yabanje kubwira Daniyeli inzozi yarose, maze Daniyeli afata igihe gito nk'isaha cyo gutekereza no gusengera uubusobanuro bw'izo nzozi. Maze abwira umwami ati "icyo giti ni wowe nyagasani mwami, ntabwo ari inzozi zireba abanzi bawe ni wowe zireba." (Daniyeli 4:19)

Umwami amaze gusaba Daniyeli kumubwira icyo izo nzozi zisabanura, Daniyeli yagize ati: "*Uzirukanamwa mu bantu, ujye kubana n'inyamanswa, uzarisha ibyatsi nk'inka, uzatondwaho n'ikime. Uzamarayo imyaka 7 kugeza aho uzamenyera ko Imana ari yo itegeka ubwami bw'abantu, ikabugabira uwo ishatse wese." (Daniyeli 4:25)*

Daniyeli yakomeje Nebukadinezari amubwira ko namara kumenya ko Imana ari yo itegeka, azasubizwa ku ngoma. Daniyeli arongera abwira umwami ati: " Tangira ukore neza urekere aho gukora nabi,

wite ku barengana, ni bwo ingoma yawe izakomezwa." (Daniyeli 4:27) Daniyeli akomeza kuvuga ko izo nzozi zaje gusohora, Nebukadinezari yatura n'akanwa ke ashima Imana ya Daniyeli, avuga ko ari yo Mana ihoraho isumba byose.

Dusanga mu gice cya karindwi, imiterere yacyo imeze nk'iyo dusanga mu nzozi za mbere za Nebukadinezari. Tubona imiyaga ine ihubukira hejuru y'inyanja maze havamo inyamanswa nini enye. Inyamanswa ya kane yari iteye ubwoba; yari inyamaboko isiribanga za nyamanswa eshatu zayibanjirije. Mbere y'ibyo, ku mutwe w'iyi nyamanswa ya kane, haje kumera amahembe icumi, hagati yayo mahembe icumi hameramo akandi gahembe gato, gafite amaso ameze nk'ay'umuntu n'akanwa kavuga ibikomeye.

Intabwe ya kabiri, ureba muri isomo, riri hagati y'amayerekwa akurikiranye: hanyuma wite ku busobanuro usanga mu byanditswe kuri iryo yerekwa. Nyuma yabyo, usenge winginge Umwuka Wera agufashe kumva ubutumwa burimo. Wibaze ubwawe uti: iri yerekwa rivuze iki, rifite ubuhe busobanuro, ubutumwa jye nakuramo ni ubuhe?

Ihishurwa rivuye ku Mana, Daniyeli yagize mu bice birindwi, ritubwira abandi bami bane. " *Izo nyamanswa nini enye, ni bo bami bane bazaduka mu isi" ariko abera b'isumba byose bazahabwa ubwo bwami babahindure, bube ubwabo iteka ryose" (Daniyeli7:17,18)* "*Ubwami bwa kane buzasiribanga isi buyimenagure. Kandi ayo mahembe cumi hazakomokamo abami cumi " hanyuma yabo hazaza undi mwami ariko ntazaba asa n'abo ba mbere kandi azanesha abami batatu, azavuga ibyo kugomera isumba byose kandi arenganye abera. Azigira inama zo guhindura amategeko n'ibihe, abera bazahanwe mu maboko ye kugeza ubwo ibihe, n'igihe n'igice cy'igihe bizashira." (Daniyeli 7:24-25).*

Igihe cyose ihembe rigereranya ubutegetsi muri Bibiliya nk'uko inyamanswa yicisha ihembe ryayo izindi nyamanswa. Aya mahembe cumi ndetse n'iri hembe rito, byose ni ikigereranyo cy'ubwami n'ubutegetsi. Abantu benshi bavuga ko iyi nyamanswa ya kane ari ubwami bw'Abaroma (bizongera kubaho). Mu nzozi za Nebukadinezari igice cyari gifite mu maguru y'ibyuma ni ubwami bw'Abaroma buzabaho mu bihe bya nyuma. Abandi bakavuga bati " hoya, azaba ari ubwami bukomeye kuruta amami yabanje yose. Bushushanya ubwami bw'Imana aho Imana izasuka umujinya wayo mu isi nk'uko byahanuwe.

Agatabo ka 8: Yesaya- Daniyeli

Ku bwanjye, ntabwo ubusobanuro butandukanye kuri ubu bwami ari byo byadutwara umwanya, ukuri uko ariko kose kuri iyi nyamanswa, icyo tugomba kwibuka ni uko ukuri nyako muri ubu buhanuzi bwo mu gice cya karindwi cya Daniyeli, ari uko " Niba uri umwe mu bera b'Isumbabyose, uri mu bagize ubwami buzatsinda amami yose. Amayerekwa n'amahishurirwa yose, asoreza ku bwami bw'Imana, buzatsinda andi mami yose, kandi buzaba ari ubwami butazahanguka iteka ryose.

Daniyeli Yerekwa Ibyumweru 70

Iyerekwa nyamukuru rya Daniyeli cyangwa ubuhanuzi bukomeye yahishuriwe ni: "Ibyumweru mirongo irindwi." Daniyeli atubwira ko mu gihe yari arimo gusoma ubuhanuzi bwa Yeremiya yatahuye igihe cyabo cyo kuva mu bunyage i Babuloni bagasubira iwabo. Yesaya na Yeremiya, bombi bahanuye ko abayuda nibamara imyaka 70 mu bunyage bazagaruka mu gihugu cyabo. Kuba Daniyeli atubwira mu mpera z'ibice bitanu no mu ntangiriro z'igice cya gatandatu, ko hari ku ngoma y'umwami Dariyo w'Umumedi, bigaragaza ko imyaka mirongo 70 y'ubunyage yari irimo kurangira.

Ubwo Daniyeli yasengaga isengesho, ridasanzwe mu gice cye cya 9, yashishikajwe n'uko imyaka 70 y'ubunyage Abayuda bari baragenewe irangiye, igihe cyo gutaha iwabo kigeze. Ni bwo Daniyeli yatwaye ibyaha bye n'iby'ubwoko bwe. Daniyeli yari umwe mu bantu b'abakiranutsi babayeho muri Bibiliya, ariko hano tubona yatura ibyaha bye; hari aho agira ati: "ibyaha byacu twagucumuyeho" incuro mirongo itatu n'ebyiri zose muri iri sengesho.

Daniyeli yingize Imana ngo ibabarire ubwoko bwe, muri aya magambo: "Mana, hamwe no kutubabarirra wibuke ko igihe cy'igihano waduhannye kirangiye." Mu isengesho rye, Daniyeli yari anejejwe n'uko Imana iri bubababarire ariko kandi ikanabasubiza mu gihugu cyabo.

Daniyeli agisenga, marayika Gaburiyeli aramubonekera, aramubwira ati: *"Ugitangira kwinginga haje ijambo kandi, nzanywe no kurikubwira*."(Daniyeli9:23). Dore igisubizo Imana yahaye Daniyeli ku bw'amasengesho ye ariko kandi, ni na bwo buhanuzi bw'ingenzi buvuga kuri Mesiya (Kristo) kuruta ahandi hose muri Bibiliya.

Dore uko ubwo buhanuzi bwari buteye: "*Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera, kugira ngo ibicumuro bicibwe, n'ibyaha bishire, gukiranirwa gutangirwe*

impongano, haze gukiranuka kw'iteka, ibyerekanywe n'ibyahanuwe bifatanishwe ikimenyetso, ahera cyane hasigwe amavuta."(Daniyeli 9:24).

Iyi nkuru nziza iri muri ubu buhanuzi yo gutaha kw'abayuda, yari irimo no kuza kwa Yesu Mesiya ariwe Yesu Kristo. Gusobanura ubuhanuzi budasanzwe, bisaba imibare ndetse no kwitonda. Imana yabwiye Daniyeli iti: "Ubwo igihe cy'ubunyage bwanyu kimaze imyaka 70, igihe kiri hagati yo gutaha kwanyu no kuza kwa Kristo harimo imyaka 490." Iyi myaka igabanyije mu by'umweru 70 by'imyaka 490, aho " icyumweru kimwe kingana n'imyaka irindwi" kandi ibi by'umweru mirongo 70, bibarwa muri ubu buryo: ibyumweru 70, ibyumweru 62, n'icyumweru 1.

Icyo cyumweru kimwe nikigera hagati "Mesiya" azakurwaho (azicwa). Ubu buhanuzi butangira kubarwa kuva igihe Kuro yatangiye itegeko ryo kubaka Yerusalemu. Habayeho ibihe bitatu Abayuda batashyemo bava mu bunyage bagiye I Yerusalemu. Ariko igihe cy'ingezi, ni itaha ryabaye mu mwaka wa 457 mbere ya Yesu. Ufashe ibyumweru 62 ugatoranyaho ibyumweru birindwi, ugakuba na karindwi, ubona imyaka 483; kuva mu myaka 457 mbere ya Yesu, ukageza mu mwaka wa 26 nyuma ya Yesu, umwaka abasesenguzi ba Bibiliya bavuga ko ari bwo Yesu yatangiye imirimo ye, hagomba kuba ikindi cy'umweru nyuma yabyo. Hanyuma hagati muri icyo cyumweru, Mesiya Uwera yagomba kwicwa. Abasesenguzi bavuga ko imyaka itatu n'igice yarangiye ubwo Yesu yabambwaga.

Nubwo abasesenguzi batabihurizaho, ibyo twavuga ni uko, ubu buhanuzi bwerekanye ko iki ari cyo gihe Mesiya yagombaga kuza agapfa ku musaraba no gutangiza Ubwami bwe buzahoraho iteka ryose. Ubwami bwe bwahanuwe mu gice cya 2 cya Daniyeli ubwo Nebukadinezari yarotaga inzozi, Daniyeli akazisobanura. (Daniyeli 2:34,35,44,45). Ubwo ni bwo bwami bwagereranijwe n'ibuye ryaguye rikamenagura cya gishushanyo maze kigahinduka nk'umurama bikanatumurwa n'umuyaga. Igice cy'iki gishushanyo iri buye ryagwiriye, ni igice gihagarariye ubwami bw'Abaroma. Bisobanura neza ko Yesu yavutse, akabambwa ku ngoma y'Abaroma ari na bwo yatangije ubu bwami butazashira, ubu bukaba bumaze imyaka ibihumbi bibiri butangijwe bukazahoraho iteka ryose.

Umukoro kuri ubu buhanuzi n'ubusobanuro bw'isomo riri muri ubwo buhanuzi, ni uko abazaba muri ubu bwami butazashira bafite

ubugingo buhoraho kubera ko ubwami bazabamo butazashira. Kugirango byumvikane neza, niba uri umukristo, ukijijwe, ubarizwa mu bwoko bw'Imana, umusirikare uri mu ngabo zigiye gutsinda urugamba hagati y'icyiza n'ikibi. Intambara y'ikibi n'icyiza imaze imyaka ibihumbi bibiri itangiye, na magingo aya iracyarwanirwa hirya no hino ku isi. Igenda ihindura isura ariko intambara y'icyiza n'ikibi yatangiye igihe cya Kayini na Abeli.

Iwacu Ni Mu Ijuru

Intumwa Pawulo, yanditse ko iwacu ari mu ijuru, kandi ibyanditswe byera bitubwira ko abizera ari abashyitsi n'abimukira muri iyi si kandi ko bategereje umurwa Imana yubatse kandi ikawurema. Ubwoko bw'Imana bugereranywa n'umugezi utemba werekeza muri uwo murwa, ahazaba ibyishimo byinshi ubwo uwo mugezi uzaba ugeze muri uwo murwa. (Zaburi 26:45).

Ese uri mu mubare w'abazaba muri ubu bwami? Ese ufite uruhare muri uru rugamba, aho intsinzi ari iy'Imana na Yesu? Yesu kristo ni Umwami w'abami, Umutware w'abatware, Umuyobozi uzatsinda imbaraga z'ikibi cyose muri iyi isi; niba turi abigishwa be nyakuri turi abasirikare mu buryo bw'Umwuka; hari igihe dukubitwa hasi muri iyi nzira ariko amaherezo tuzatsinda urugamba rwose. Urugero rw'ubwirare bwacu mu rugamba tukanesha ni wo munezero wacu mu buzima bw'iteka ryose.